REPUBULIKA Y'U RWANDA
KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE
P.O. Box 174 Kigali, Rwanda
Website: www.nurc.gov.rw
E-mail: unity@nurc.gov.rw

# *Abarinzi b'Igihango mu Rwanda*



Unity Club

Kamena, 2018

# ISHAKIRO


**I. INTANGIRIRO .......... 1**

**II. IGISOBANURO CY'AMAGAMBO .......... 3**

2.1. Igihango .......... 3
2.2. Umurinzi .......... 4
2.3. Umurinzi w'Igihango .......... 5
2.4. Umujishi .......... 5
2.5. Ndi Umunyarwanda .......... 6
2.6. Abarinzi b'Igihango mu mujishi wa Ndi Umunyarwanda .......... 7
2.7. Abarinzi b'Igihango muri gahunda y'ubumwe n' ubwiyunge ...... 8

**III. INTEGO Z'UBUSHAKASHATSI .......... 9**

3.1. Intego rusange .......... 9
3.2. Intego zihariye .......... 9

**IV. UBURYO BWAKORESHEJWE .......... 10**

3.3. Gusoma ibyanditswe (desk review) .......... 10
3.4. Kubaza umuntu ku giti cye mu buryo bw'ikiganiro (interview).... 10
3.5. Kubaza abantu mu matsinda (Focus Group Discussion) .......... 11
3.6. Kureba ibyakozwe n'Umurinzi w'Igihango n'uko abayeho (Observation).......... 11

**V. IBYAGARAGAJWE N'UBUSHAKASHATSI.......... 11**

5.1. Ibikorwa bya buri Murinzi w'Igihango n'uko igitekerezo cyamujemo .......... 11

**VI. UMUSOZO .......... 77**

VI. UMUSANZU W'ABARINZI B'IGIHANGO MU KUBAKA UBUMWE N'UBWIYUNGE ........ 77

VII. AGACIRO UMURYANGO NYARWANDA UHA IBIKORWA BY'ABARINZI B'IGIHANGO ........ 78

VIII. UBUFATANYE BW'ABARINZI B'IGIHANGO N'IZINDI NZEGO ........ 81

IX. UMWANZURO N'INAMA ........ 82

IBITABO BYASOMWE ........ 86

IMIGEREKA ........ 87

# I. INTANGIRIRO

Amateka y'u Rwanda rwo hambere atugaragariza ko ubunyarwanda bwabaye ishingiro ry'ubutwari bwo kubaka Igihugu no kukirinda. Isano Abanyarwanda bemeraga ko basangiye yabasangizaga urukundo n'ishema bari bafitiye u Rwanda. Ibi byaheshaga Abanyarwanda igitinyiro imbere y'amahanga kugeza ku mwaduko w'abakoloni.Bari bazi neza ko bafite igihugu kimwe, n'ubwenegihugu bumwe bubahuje: ubunyarwanda.

Inzego n'uburyo bw'imiyoborere mu Rwanda rwa mbere y'ubukoloni, zatumaga habaho iterambere rihoraho n'ubwo ritihutaga cyane. Nta na rimwe abari mu myanya y'ubutegetsi mbere y'ubukoloni bigeze bagambirira guheza cyangwa kurimbura kimwe muri ibi byiciro byari bigize umuryango nyarwanda. Na none kandi nta na rimwe rubanda rwa giseseka rwigeze rwishora mu bwicanyi nk'uko byagenze mu mwaka wa 1994, aho ubwicanyi bwanateguwe n'inzego z'ubuyobozi za Leta.[1]

Abakoloni bageze mu Rwanda, bashyizeho politiki yashenye indangagaciro ubunyarwanda bwari bwubakiyeho. Inzego z'imibereho zihindurwa amoko n'inyigisho z'inkomoko mpimbano y'Abanyarwanda ziramamazwa. Ibi byashenye ubumwe n'ubufatanye bw'Abanyarwanda, umuryango nyarwanda bawucamo ibice kugira ngo bayobore u Rwanda uko babyumva bitabagoye[2].

Imbuto y'amacakubiri yakomeje gukura mu gihe cy'ubukoloni na nyuma yabwo kugeza ubwo ibyaye ubwicanyi n'ubuhunzi mu bihe bitandukanye (1959, 1963, 1973...), irondabwoko, irondakarere, ingengabitekerezo ya Jenoside n'ihezwa ku byiza by'Igihugu byagejeje u Rwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi. Indangagaciro z'ubunyarwanda zarasenyutse n'ikizira kirazirurwa, ubumuntu n'ubunyarwanda byimuka mu mitima ya bamwe mu Banyarwanda[3].

1 NURC, *Inzira y'ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda*, Gashyantare 2015
2 NURC, Amateka yu Rwanda kuva mu ntangiriro kugeza mu kinyejana cya XX, 2016, p.167
3 NURC,Unity Club, Ndi Umunyarwanda,Umurinzi w'Igihango, Nyakanga, 2016, p 2

Nyuma y'urugamba rwo kubohora Igihugu no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi, hakurikiyeho urugamba rwo gusana ubumwe bw'Abanyarwanda, na n'ubu rugikomeje. Uretse Leta n'inzego zayo babifite mu nshingano, Abanyarwanda b'ingeri zitandukanye ku bwabo bagiye bagaragaza ubudashyikirwa mu kugira uruhare muri uru rugamba. Ibi byakozwe muri gahunda zitandukanye z'Igihugu, iri ku isonga akaba ari gahunda ya "Ndi Umunyarwanda".

Mu mwaka wa 2015, nyuma y'imyaka ibiri hatangijwe gahunda ya Ndi Umunyarwanda, Unity Club Intwararumuri ifatanyije na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge bateguye igikorwa kigamije kumenya no kumenyekanisha abakoze cyangwa se bagikora ibikorwa by'indashyikirwa mu bumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda hagamijwe gukomeza kwimakaza ubunyarwanda no gufasha Abanyarwanda kumva isano bafitanye n'Igihugu cyabo. Muri iyi gahunda izo ndashyikirwa zahawe izina ry' ABARINZI B'IGIHANGO[4]. Kugeza ubu Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, ifatanije na Unity Club Intwararumuri, bashyize ahagaragara Abarinzi b'Igihango mirongo itatu na bane (34) bo ku rwego rw'Igihugu.

Iyi nyandiko ku Barinzi b'Igihango mu Rwanda ikubiyemo ingingo zikurikira: Nyuma y'intangiriro rusange mu ngingo ya mbere, iragaragaza igisobanuro cy'inyito y'Abarinzi b'Igihango mu ngingo ya kabiri; naho iya gatatu irerekana uburyo bwakoreshejwe kugira ngo dushake amakuru; ingingo ya Kane iragaragaza ibigwi by'Abarinzi b'Igihango mirongo itatu na bane (34) batoranijwe ku rwego rw'Igihugu. Ingingo ya gatanu irerekana akamaro k'Abarinzi b'Igihango mu muryango nyarwanda; ingingo ya gatandatu irerekana uburyo Abarinzi b'Igihango bafatanya n'inzego zigisha ubumwe n'ubwigunge mu Rwanda. Iyi nyandiko irasoza itanga n'inama.

4 NURC, Raporo y'umwaka, 2015-2016, Nzeri 2016,p 16

# II. IGISOBANURO CY'AMAGAMBO

Kugira ngo inyito y'Abarinzi b'Igihango n'agaciro bafite mu bikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda yumvikane neza, ni ngombwa kwibukiranya amateka yayo n'uburyo yagiye yumvikana kugeza ubu.

Ni mu mwaka wa 2015, ubwo habaga ihuriro rya munani rya Unity Club Intwararumuri ryari rifite insanganyamatsiko igira iti: "**Abarinzi b'Igihango mu Mujishi wa Ndi Umunyarwanda**", habayeho umuhango wo gushimira Abarinzi b'Igihango 17 bemejwe ku rwego rw'Igihugu, nyuma y'itoranywa ryabereye ku nzego z'utugari, z'imirenge n'iz'uturere.

Bashimiwe imyitwarire myiza kandi idasanzwe yabaranze mu bihe bidasanzwe Igihugu cy'u Rwanda cyanyuzemo, n'amasomo y'intangarugero bahaye Abanyarwanda yo gukorera hamwe, kurangwa n'ubumwe no gukumira ikibi kugira ngo Jenoside itazasubira ukundi.

Iyi nsanganyamatsiko yafashije gusobanura isano iri hagati y'Umurinzi w'Igihango n'umuco w'ubunyangamugayo, ubupfura n'ubutwari byaranze Abanyarwanda bashyira imbere indangagaciro zubaka ubunyarwanda n'u Rwanda.[5]

## 2.1. Igihango

Mu Kinyarwanda, ijambo "**igihango**" risobanura amasezerano y'ubudahemuka hagati y'abantu ubwabo no hagati y'abantu n'Igihugu cyabo. Mu rwego rw'imibanire y'Abanyarwanda, ni amasezerano y'ubudahemuka hagati y'Abanyarwanda bemera ko basangiye isano y'ubunyarwanda kandi baheshwa ishema no gukunda u Rwanda bagaharanira kururinda no kuruteza imbere[6]. Mu bihe byo hambere, igihango cyaherekezwaga n'umutongero watongerwaga umuntu kugira ngo atazamena ibanga cyangwa ngo ahemukire amasezerano

5 NURC, Ikinyamakuru Igorora, No 018, Ugushyingo 2015- Gashyantare 2016, p. 6-7
6 Ibidem,

yemeye kuzubahiriza. Igihango cyashingirwagaho mu kurinda amabanga no kurinda abantu guhemukirana. Bavugaga ko uwatatiye igihango kimusema, akaba yahumana cyangwa akagira n'ibindi byago binyuranye.

Abantu ndetse n'imiryango bagiranaga igihango cy'ubucuti n'imibanire myiza gishingiye ku kunywana, kugabirana n'ibindi. Bimwe mu byarangaga igihango umuntu afitanye n'Igihugu bikaba kucyitangira no kugitabarira kandi abatabaranye bakazirikana kwimana uwabo mu gihe bugarijwe n'umwanzi.

Muri iki gihe cya none, amasezerano y'ubudahemuka akunze gukorwa biciye mu mategeko no mu ndahiro ziyashingiraho bigomba kubahirizwa kugira ngo igihango kidatatirwa. Anashingira kandi ku muco w'ubunyangamugayo n'uw'ubupfura byo inkingi y'imibanire n'imyitwarire y'abantu. Abanyarwanda bo hambere bubahaga igihango kandi bakitwararika kucyubahiriza igihe cyose. Cyaraziraga kikaziririzwa gutatira igihango. Uwabikoraga yabaga yivanye mu muryango nyarwanda. Yabaga yiyambuye ubufatanye n'abandi. Yabaga abaye nyamwigendaho. Yabaga yigize igicibwa kuko atabasha gukurikiza amategeko n'imigenzo myiza iranga Abanyarwanda. Mu myemerere y'abakurambere bacu "*utatiye igihango kiramusama*".

### 2.2. Umurinzi

Iri jambo rituruka ku nshinga kurinda, ikaba isobanura kubungabunga ubuzima bw'umuntu cyangwa ikintu ngo kitagira icyo kiba.
Mu gihe cyo hambere, Abarinzi b'Igihango cy'ubunyarwanda baranzwe n'ibi bikurikira:

- Kwitangira u Rwanda, kurwagura no kururinda,
- Kurinda Abanyarwanda ubucakara;
- Guha agaciro umuco uhuza Abanyarwanda no kuwutoza ababyiruka ;
- Gushyira imbere ubufatanye n'ubumwe bw'Abanyarwanda mu nshingano bafite.

Twavuga ko umurinzi ari umuntu urangwa n'ubwitange no kudatinya mu kurwanya ikibi (ikigawa) akanakumira icyago cyasenya umuryango w'abantu kandi agahora yitangira icyiza kiwubereye. Umurinzi ni umuntu udatinya aho rukomeye iyo ahangana n'ikibi cyabangamira umuryango; kabone n'ubwo byamuviramo ingaruka zikomeye.

### 2.3. Umurinzi w'Igihango

Dushingiye ku amateka y'u Rwanda n'icyerekezo cy'imibanire y'abarutuye, twavuga ko *"Umurinzi w'Igihango" ari umunyarwanda cyangwa se umunyamahanga waranzwe kandi agakomeza kurangwa muri rusange n'indangagaciro z'umuco nyarwanda zirimo gukunda u Rwanda n'Abanyarwanda, kuba inyangamugayo urangwa n'ukuri, ubworoherane, kwicisha bugufi, kwanga no kurwanya akarengane; kwiha agaciro no kuba yaragize uruhare mu kurwanya amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside ubwayo"*[7].(Umurinzi w'igihango ashobora kuba akiriho cg yarapfuye).

### 2.4. Umujishi

Iri Jambo rikomoka ku nshinga kujisha.

Kugira ngo dusobanure neza umurimo mwiza Abarinzi b'Igihango bakora mu rugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge by'Abanyarwanda, twakwifashisha urugero rw'umujishi n'ingobyi ya kinyarwanda. Ingobyi ya kinyarwanda igizwe n'ibice bibiri by'ingenzi; ari  byo : aho uhetswe yicara cyangwa aryama n'ibikondo by'ingombyi bisobekwamo imijishi. Imijishi ni yo abahetsi bashyira ku ntugu bagaheka. Imijishi iba ari ibiri ikifashijwa n'abahetsi bane (4) bagenda badasobanya. Kujisha ni ukuzirika ugakomeza. Icyo gikorwa cyo guheka cyitwa "kujya mu mujishi".

7 Unity Club, Ndi Umunyarwanda. Umurinzi w'Igihango, 2016, p. 13

Ubumwe bw'Abanyarwanda, ari cyo gihango, ubundi cyaziraga gutatirwa, bwarasenywe. Abagize uruhare mu kubungabunga no kurinda iki gihango ni Abanyarwanda ndetse n'abanyamahanga biyemeje kurinda ubumwe bw'Abanyarwanda mu bihe bitandukanye by'amateka mabi Igihugu cyacu cyanyuzemo. Iyi ni yo nkomoko y'iryo zina "ABARINZI B'IGIHANGO". Iki gihango tuvuga ni Ndi Umunyarwanda.

### 2.5. Ndi Umunyarwanda

Ndi Umunyarwanda ni ukwiyumvamo isano ihuza Abanyarwanda batewe ishema no kuba Abanyarwanda, bahuriye ku gukunda u Rwanda, kururinda no kuruteza imbere (Spirit)[8].

Ndi umunyarwanda ikubiyemo urusobe rw'ibitekerezo by'ubunyarwanda (Rwandan spirit), inshingano, uburenganzira, indangagaciro na kirazira bigamije kwimakaza "ubunyarwanda"[9].

Kugira ingengabitekerezo y'ubunyarwanda ni ugutwara u Rwanda ku umutima rukakubamo ukarubamo urukunze witeguye kururengera ku giciro icyo ari cyo cyose. Iyo sano-muzi ikaba igihango kidatatirwa, kidusaba kwiyumvamo imbaraga zica imigozi ikiziritse bamwe mu Banyarwanda ku macakubiri, zigapfundika ipfundo ry'ubwizerane, ubworoherane, uburengazira bungana kuri bose, ukwishyira ukizana mu gihugu no kuzirikana ko Igihugu ari byose bigatera buri wese kugikunda no kugikorera nta gusigana.

Ndi Umunyarwanda ni gahunda imaze gushinga imizi nk'icyomoro cy'amateka yakomerekeje Abanyarwanda n'igihango dusangiye mu kuyarinda kongera gutokorwa. Bityo, gushyira imbere ubunyarwanda n'inyungu z'Abanyarwanda bose aho kwibonamo amoko, amasano, akarere, inkomoko n'ibindi, bikaba bikomeje kutubera intego twese twiyemeje kugeraho[10].

---

8 Unity Club, Ndi umunyarwanda. Umurinzi w'Igihango, 2016, p. 4

9 Ibidem,

10 Ibidem

Igikorwa cyo gutoranya Abarinzi b'Igihango cyabanjirijwe n'ibikorwa byo gutanga ishimwe ku mashyirahamwe y'abaturage yagaragaje ibikorwa by'indashyikirwa by'ubumwe n'ubwiyunge. Bahuza Abanyarwanda bari mu byiciro bitandukanye bagizweho ingaruka n'amateka y'Igihugu cyacu, bagatozwa imibanire myiza izira amacakubiri ashingiye ku ivangura iryo ari ryo ryose, ari na ko bashyiraho ibikorwa bifatika bibateza imbere bikanateza imbere aho batuye. Ibi bigakorwa ku bufatanye bwa Unity Club na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge [11]

Guhera mu mwaka wa 2015, hifujwe gutera indi ntambwe, hagamijwe kumenya no gushimira abantu ku giti cyabo bagiye bagira uruhare rudasanzwe mu rugamba rwo kubaka ubunyarwanda. Abo bantu bahawe izina ry'Umurinzi w'Igihango. Ibikorwa byabo bikabera urugero rwiza Abanyarwanda muri rusange, by'umwihariko ababyiruka, hagamijwe gukomeza kwimakaza indangagaciro z'ubunyarwanda no kwiyumvamo ishema ryo gusigasira ibyiza bimaze kugerwaho.

### 2.6. Abarinzi b'Igihango mu mujishi wa Ndi Umunyarwanda

Igikorwa cyo guheka cyitwa "kujya mu mujishi". Ni yo mpamvu "Abarinzi b'Igihango" nk'uko byumvikana bari mu "mujishi wa Ndi Umunyarwanda" kuko hashingiwe ku bigwi byabo bahetse ubunyarwanda. Bumvise isano Abanyarwanda basangiye ntibatatira Igihango kandi ingero nziza zabo zigisha abakuru n'abato. Kujya mu mujishi wa Ndi-Umunyarwanda bisaba guhuza ingendo nta gusobanya mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge kandi buri wese akita kuri mugenzi we kugira ngo hatagira usigara mu bunyage bw'amateka mabi y'amacakubiri.

Kujya mu mujishi wa Ndi-Umunyarwanda bisaba kandi gukomeza gushyigikira ubuyobozi bushyira imbere ubumwe bw'Abanyarwanda no gutoza ababyiruka umuco w'ubudashyikirwa mu guharanira icyiza no kwamagana ikibi. Birasaba gukomeza komorana ibikomere byatewe n'amateka mabi hakoreshwa ukuri mu gusaba no mu gutanga imbabazi.

11 Ubuhamwya bw'Umunyamabanga Uhoraho wa Unity Club ku itariki ya 9 gicurasi 2017.

### 2.7. Abarinzi b'Igihango muri gahunda y'ubumwe n' ubwiyunge

Abarinzi b'Igihango bafite umwanya ukomeye mu rugamba rw'ubumwe n'ubwiyunge by'Abanyarwanda kubera ko bagaragaza ku buryo butaziguye ko inshingano zo kubaka ubumwe n'ubwiyunge ari iza buri wese tutitaye ku bukire afite, amashuri yize, imirimo akora kuko na bo baturuka mu byiciro byose by'Abanyarwanda.

"Ubumwe n'ubwiyunge by'Abanyarwanda byumvikana nk'imigenzereze y'abaturage bemera ko basangiye ubwenegihugu, umuco n'uburenganzira bungana, barangwa n'ubwizerane, ubworoherane, ubwubahane, uburinganire, ubwuzuzanye, ukuri, komorana ibikomere batewe n'amateka mabi baciyemo kugira ngo bashobore kwiteza imbere mu mahoro asesuye" [12].

Abarinzi b'Igihango bagaragaza kandi ko amahame shingiro ngenderwaho mu kubaka ubumwe n'ubwiyunge ashobora gushyirwa mu bikorwa kandi koko akubaka ubumwe bw'Abanyarwanda. Ayo mahame y'ingenzi ngenderwaho ni aya akurikira:

- Gushyira imbere ubunyarwanda n'inyungu z'Abanyarwanda bose mbere yo kwibonamo amoko,amasano,idini, akarere, igitsina n'ibindi;
- Kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo;
- Guharanira kuba mu gihugu kigendera ku mategeko no kubahiriza uburenganzira bwa muntu;
- Kurwanya ivangura n'ihezwa iryo ari ryo ryose;
- Gusenyera umugozi umwe mu kubaka Igihugu;
- Komorana ibikomere no kubaka ubwizerane mu Banyarwanda bishingiye ku kwicuza , gusaba imbabazi no kuzitanga , kuvuga ukuri no kubaka icyizere cy'ejo hazaza;
- Kwibuka haharanirwa ko Jenoside itazongera kuba ukundi;
- Kwiha agaciro no gukunda umurimo.

12 ibidem

# III. INTEGO Z'UBUSHAKASHATSI

Muri iki gice haragaragara intego rusange n'intego zihariye z'iyi nyandiko

## 3.1. Intego rusange

Intego rusange y'iyi nyigo ni ukumenya byimbitse **igisobanuro cy'inyito** *(Concept)* y'Abarinzi b'Igihango **n'ibikorwa by'indashyikirwa** bya buri Murinzi w'Igihango, bikozwe mu nyandiko, amajwi n'amashusho kugira ngo bibere urugero rwiza Abanyarwanda.

## 3.2. Intego zihariye

1. Kugaragaza mu nyandiko, mu mashusho n'amajwi ibikorwa by'indashyikirwa bya buri Murinzi w'Igihango, dushingiye ku buhamya bwiza afite mu muryango nyarwanda w'aho atuye;

Ibyo bikorwa birangwa no kuba ari:

- ibikorwa bifasha abandi, bitavangura kandi bishyira imbere inyungu rusange;
- Ibikorwa byafashije abaturanyi n'Abanyarwanda muri rusange kwiyubaka, kwiyunga no gukira ibikomere;
- Ibikorwa by'umwimerere yitekerereje ubwe, biramba kandi biteza imbere imibanire n'imibereho y'abantu bari aho bikorerwa;
- Ibikorwa bifasha Abanyarwanda kuva mu bibazo by'ingutu bikomoka ku mateka banyuzemo (abana b'imfubyi, abapfakazi, abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi, abasigajwe inyuma n'amateka, n'abandi…)

2. Kumenyekanisha imibereho ya buri Murinzi w'Igihango no kugaragaza ubufasha bwaba bukenewe hagamijwe kurinda agaciro kagomba guhabwa ibyo yakoze aho atuye.

3. Gusesengura uko Abarinzi b'Igihango bo ku nzego zinyuranye bahabwa agaciro, no gutanga ibitekerezo ku izina ry'icyubahiro ryahabwa Abarinzi b'Igihango kuri buri rwego rigakoreshwa ku buryo bwemewe kandi barihuriyeho mu gihugu cyose.

4. Gutanga ibitekerezo ku buryo inzego za Leta zakwifashisha ibikorwa ntangarugero by'Abarinzi b'Igihango mu gukangurira Abanyarwanda ubumwe n'ubwiyunge no kwimakaza gahunda ya Ndi Umunyarwanda.

5. Gutanga inama zafasha abategura ingamba kugena ibikorwa bigamije kongera imbaraga n'ubushake byo kwanga ubugizi bwa nabi n'ibyaha muri rusange, ahubwo hagaharanirwa gukora ikiri cyiza.

## IV. UBURYO BWAKORESHEJWE

Kumenya ubuzima n'imibereho by'ABARINZI B'IGIHANGO bisaba kubegera bo ubwabo, kwegera ababazi n'abo bakoranye bakabazwa amakuru ajyanye n'ubuzima n'imibereho yabo. Bakagaragaza uburyo babibonye n'uko babyakiriye. Iyi nyigo ishingiye ku buryo abantu babona ibintu n'uko babyumva (qualitative) muri kamere yayo. Ni yo mpamvu hakoreshejwe uburyo 3 busanzwe bukoreshwa mu bushakashatsi nk'ubu:

### 4.1. Gusoma ibyanditswe (desk review)

Hasomwe inyandiko zitandukanye zirimo amakuru ajyanye n'ubumwe n'ubwiyunge ndetse n'izivuga ku Barinzi b'Igihango.

### 4.2. Kubaza umuntu ku giti cye mu buryo bw'ikiganiro (interview)

Hakozwe ibiganiro hagati y'abayobozi b'inzego z'ibanze no ku rwego rw'Igihugu ndetse tunaganiriza na buri Murinzi w'Igihango cyangwa umuhagarariye hifashishijwe ifatamajwi n'ifatamashusho kandi mu buryo bw'ikoranabuhanga rigezweho ku buryo amashusho agaragara neza n'ibivugwa bikumvikana.

### 4.3. Kubaza abantu mu matsinda (Focus Group Discussion)

Hakoreshejwe ibiganiro biri mu matsinda y'ibanze cyane ku bantu bazi uwo Murinzi w'Igihango kandi bikabera aho atuye. Amakuru yose yabonekaga yahuzwaga n'imwe cyangwa nyinshi mu ntego zihariye z'ubushakashatsi.

### 4.4. Kureba ibyakozwe n'Umurinzi w'Igihango n'uko abayeho (Observation).

Hakozwe igenzura no kwitegereza imibereho yabo hakurikijwe ibyo batubwiye, hagafatwa amashusho kandi hakarebwa niba uko abayeho bimuhesha iryo shema ryo kuba Umurinzi w'igihango.

Buri cyiciro cyose cyabazwaga cyakorerwaga amashusho kandi kigafatwa amajwi kugira ngo hatagira iby'igenzi bibura.

## V. IBYAGARAGAJWE N'UBUSHAKASHATSI

Ubushakashatsi bwerekanye ibikorwa by'Abarinzi b'Igihango mirongo itatu na bane (34) batoranijwe ku rwego rw'Igihugu.

Bwagaragaje kandi uko babayeho, uko bababfata mu muryango nyarwanda hatirengagijwe n'icyo bafasha Abanyarwanda mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge hagamijwe kurwanya icyaha n'igisa na cyo.

### 5.1. Ibikorwa bya buri Murinzi w'Igihango n'uko igitekerezo cyamujemo

Kuri iyi ngingo, haragaragazwa ibikorwa by'indashyikirwa byakozwe na buri Murinzi w'Igihango hakurikireho uko igitekerezo cyamujemo.

## 1. NTAMFURA SILAS

**Umwirondoro**



**Yavutse:** *11/01/1969*

**Amazina y'ababyeyi**
**Se:** *NDAYAVUZE Mathias*
**Nyina:***UZAMUKUNDA Daphrose*

**Aho yavukiye**
**Akarere:** *Musanze*
**Umurenge:** *Gashaki*
**Akagari:** *Ntarama*

**Aho atuye**
**Akarere:** *Bugesera*
**Umurenge:** *Rilima*
**Akagari:** *Nyabagendwa*
**Umudugudu:** *Karama*

*Yashakanye na MUKAGASHUGI Providence, babyaye abana barindwi. Bose bariho.*

**Ibikorwa byamuranze**

**Ntamfura Silas yitandukanyije n'umugambi wo kwica Abatutsi mu gihe cya Jenoside muri 1994 yakorewe Abatutsi ahungishiriza abagera kuri 20 i Burundi aho na we yaje guhungira atangiye guhigwa. Yakomeje kugira uruhare mu bikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge.**

Guhera muri 1990, Ntamfura yinjiye mu gisirikari cya Leta (ex-FAR). Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994, Ntamfura Silas yakoze uko ashoboye kose atabara Abatutsi bari batuye mu Karere ka Bugesera aho yakoraga umurimo wa gisirikari mu kigo cya Gako. Intego yari yariyemeje ubwe kwari kubambutsa umupaka akabahungishiriza mu Burundi. Yabikoze inshuro ebyiri. Ubwa mbere hari tariki ya 13 Mata 1994 yajyanye abasaga 18, naho ubwa kabiri ajyana 2 umukecuru n'umwuzukuru we) hari tariki ya 16 Mata 1994. Abantu yatabaye ntiyari abazi. Yabonaga abakeneye gutabarwa akabafasha. Yifuzaga gutabara abakeneye gutabarwa bose. Kuko yari amaze igihe gito mu Karere ka Bugesera, ntiyari azi abaturage benshi, bityo kumenya abari bakeneye ubufasha byaramugoye. Ni yo mpamvu yatabaye bake kandi yarifuzaga gukiza benshi bashoboka.

Nk'Umusirikare, yari azi neza ko guhisha Abatutsi mu gihe cya Jenoside byari ikosa rikomeye cyane. Babigishaga ko Umututsi ari umwanzi, ko ari icyitso cy'inkotanyi kandi ko agomba gupfa. Ibyo yakoze yari

azi neza ko byamushyira mu kaga gakomeye ko gupfa igihe icyo ari cyo cyose. Mu mwaka wa 1992, habayeho kwica Abatutsi muri ako gace ka Bugesera. Ngo ni bwo yababaye cyane abona abasirikari batabyitayeho, ntacyo bakoraga ngo bihagarare. Avuga kandi ko muri 1992 ubwo yageragezaga gufasha abo bitaga ibyitso, bagenzi be babifataga nabi cyane bikamusaba kwitwararika kuko yari abizi ko na we yahasiga ubuzima.

Itotezwa ry'Abatutsi ngo ryarakomeje aho avuga ko muri 1993 ubwo aho yari agiye gukorera akazi k'izamu hafungiye abantu bane, yasanze barakubiswe cyane, bafite ibikomere ku mubiri. Yaje kuganira na bo, asanga babashinja ko bateze igisasu (gerenadi) imodoka y'uwari ukuriye abasirikari i Gako. Yarabatabaye, abashakira icyo kurya kandi ubundi bitari byemewe ko bikorwa n'ushinzwe kubarinda.

Umunsi umwe, ari ku izamu, adjudant chef yamusabye gufungura abo bantu ngo abajyane aho bitaga ku Cyuzi, ariko we abona ko ari ukubajyana kubica, arabamwima. .Baramututse cyane bamugaya  ko atari umukiga mwene wabo. We aricecekera kuko n'ubusanzwe ntakunda kuvuga menshi.

Nyuma y'uko indege ihanutse, uwari Perezida w'u Rwanda Habyarimana Juvenale amaze gupfa, habayeho gutangaza amakuru buri munota bashishikariza abantu kwica.

Tariki ya 11 Mata 1994, umwe mu basirikari basenganaga yamusabye ko bajyana gusahura i Nyamata ariko we arabyanga. Yarababaye cyane kuko abo bamushishikarizaga kujya gusahura bari abarokore, basengana. Yagerageje kubumvisha ko ibyo bakora bitajyanye no gusenga ariko biba iby'ubusa, baranga bajyana n'abandi gusahura.

Ibyo bikimara kuba ni bwo ibitero byo kwica abatutsi i Nyamata byatangiye tariki 12 Mata 1994.

Abayobozi be baje gutahura ko atorokesha abantu akabajyana i Burundi, bashaka kumwica ariko bamwe mu basirikare bari bamuzi ko ahungisha abatutsi bamufasha guhunga ari bo Munyanziza Pascal ubu uba i Butare na Kamanayo Leopord. Yaje guhungira mu gihugu cy' u Burundi aba mu nkambi y'impunzi, abana n'abandi bari barahunze. Amaze kumenya ko ingabo za RPA zafashe Bugesera yaje yihuta afatanya na bo guhagarika Jenoside.

Yabaye kandi umusirikare mu ngabo zahujwe za RDF nyuma ya Jenoside ariko aza gusezera muri 1998 kubera ko yashakaga kwita ku muryango we kuko yari amaze gushaka umugore. Ibyo bikorwa yakoze byagize akamaro gakomeye cyane kuko yabashije kurokora Abatutsi bahigwaga muri Jenoside bagera kuri 20. Ubu bose baracyariho. Umukecuru yahungishije amufata nk'umuhungu we. Abari bato, bamufata nka mukuru wabo cyangwa nk'umubyeyi wabo.

**Uko igitekerezo cyamujemo**

Ntamfura Silas avuga ko bakiri abana bato bari baratojwe kwanga ikibi no kurwanya urwango. Umutima wo gufasha, uwo kubana neza n'abandi ndetse no gusenga nibyo umubyeyi wabo yakundaga kubatoza.

Ubwicanyi bwari bwibasiye Abatutsi muri 1994, yabuhuje n'ibyo yari yarabonye muri 1982, ubwo umwana w'umukobwa waje kwiga ku ishuri ryabo mu Ruhengeri, abana bose bamuteraniraho, baramukubita, bamupfura imisatsi, akorerwa ihohoterwa azira ko ari Umututsi Kazi. Ibyo byaramubabaje cyane, yibaza ukuntu abantu bangana gutyo bakora igitero cyo gufata umwana mugenzi wabo bakamujujubya. Yabonye ko ubugome bwariho bukabije cyane.

Yamenye ko Abatutsi barengana kandi batazira icyaha bakoze ahubwo bazira akarengane n'inyigisho mbi z'abanyapolitiki. Byamuhaye ingufu zo guharanira kurengera abatotezwa bose. Uwo mutima yarawukuranye ku buryo ari wo wamuyoboraga mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994.

## 2. NDAGIJIMANA CALLIXTE (+)

**Umwirondoro**

**Yavutse mu 1965**
**Se:** *Kamonyo Léopord(yapfuye 1975)*
**Nyina:** *Nyirakaje Félicité*

**Aho yavukiye:**
**Akarere:** *Kamonyi*
**Umurenge:** *Nyamiyaga*
**Akagari:** *Bibungo*
**Umudugudu:** *Karubanda.*

*Ndagijimana Callixte yitabye Imana yarashakanye na Mukabalisa Oliva ubu ariho; bari batarabyarana umwana numwe, mu muryango wabo wa Callixte bari abana batandatu, abakobwa batatu n'abahungu batatu. Abahungu babiri barapfuye (Callixte yappfuye muri Jenocide undi muvandimwe we aza gupfa nyuma ya jenoside).*
*Umukecuru we abana n'umuhungu we mukuru witwa GASIGWA Karoli (mukuru wa Callixte) arubatse afite abana bane.*

**Ibikorwa byamuranze**

**Ndagijimana Callixte yanze ko Abatutsi bicwa muri Komine Mugina yayoboraga. Yifashishije ubumenyi mu bya Gisirikare yari yarakuye mu ishuri rikuru rya gisirikare Ecole Supérieure Militaire (ESM) yagerageje guhangana n'ibitero by'interahamwe. Yakanguriye abaturage bo muri Komine yayoboraga kutitabira ubwicanyi kandi akajya no guhumuriza impunzi zari zahungiye kuri Paruwasi Mugina. Bamaze kubona ko Jenoside itazashoboka akiriho bamutumije mu nama ku cyahoze ari Perefegitura ya Gitarama, maze ubwo yatahaga bamwicira muri Komini Ntongwe.**

Ndagijimana Callixte arangije amashuri yisumbuye yagiye kwiga mu ishuri rya gisirikare, muri ESM (Ecole Supérieure Militaire). Yaje kwirukanwa atarangije, azira ko avuka i Gitarama. Yaje kubona akazi ko kwigisha mu mashuri abanza i Mugina. Yarangwaga no gufasha abana kwiga kabone n'ubwo babaga badafite amafaranga y'ishuri.Yaje kuba Burugumesitiri wa Komine Mugina mu gihe cy'amashyaka ya politiki menshi.

Ubwo Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yatangiraga, yahagurukiye guhangana n'interahamwe zaje zikurikiye abantu bahungiye muri Komini Mugina baturutse mu Bugesera, i Kigali, n'andi makomini yo mu cyahoze ari Perefegitura ya Gitarama. Yabarwanyeho uko ashoboye, ndetse asaba abaturage yari ayoboye kutijandika muri ubwo bwicanyi bwakorerwaga Abatutsi. Ahubwo ko bagerageza kurengera uhigwa wese wari uri muri Mugina.

Tariki ya 19 Mata 1994, yaje gutumirwa mu nama kuri Perefegitura i Gitarama n'uwari Perefe witwaga Nyandwi Fidèle. Agezeyo bamusabye ko yareka abaturage bagahashya umwanzi ari we Mututsi. We yerekana ko adashyigikiye uwo mugambi. Ni bwo Perefe yafashe icyemezo cyo kumwicisha. Barangije inama, bamusabye gutwara undi muntu bari kumwe aho agomba kumugeza hakurya y'iwe muri Komini Ntongwe. Bari bateze igico cy'abantu baza kubicira mu nzira.

Koko bageze mu nzira, baje gutangirwa n'abantu bitwaje intwaro, bamukura mu modoka baramwica. Amaze kwicwa, ni bwo muri Komine Mugina batangiye kwica Abatutsi. Abishoye mu bwicanyi bicujije nyuma impamvu batumvise inama ya Ndagijimana wabibabuzaga. Uwakoze Jenoside bamushinje ubwicanyi aricuza aravuga ati: "Burugumesitiri Ndagijimana yatubujije kwica Abatutsi turamunanira, none dore akaga turimo!"1.

**Uko abamuzi babona igitekerezo cyamujemo**

Ndagijimana yakuze afite umutima mwiza ukunda abantu bose. Yakundaga kwitanga kugira ngo icyiza kiganze ikibi. Igihe cyose yaharaniraga ko abaturage babaho neza, ni we kandi watangije igitekerezo cyo kwigisha abana b'incuke kandi bakigira ubuntu mucyahoze ari Komini Mugina.

## 3. MUKASARASI GODELIVE

**Umwirondoro**



**Aho Yavutse:** *15/12/1956*

**Ababyeyi**

**Se:** *Mutarambirwa Félicien*

**Nyina:** *Kanzage Félicité*

**Aho yavukiye :**

**Akarere:** *Muhanga*

**Umurenge:** *Rongi*

**Aho atuye**

**Akarere:** *Kamonyi*

**Umurenge:** *Rukomo*

**Akagari:** *Taba*

**Umudugudu:** *Nyarusange*

*Yashakanye na Rudasingwa Emmanuel mu 1980, babyarana abana batanu. Abariho ni batatu abahungu babiri n'umukobwa umwe.*

*Umugabo we n'umwana wabo umwe bitabye Imana mu 1996 bishwe n'abacengezi.*

**Ibikorwa byamuranze**

**Mukasarasi Godelive yagize uruhare mu gufasha abapfakazi ba Jenoside gukira ibikomere, kwiyubaka no kwiteza imbere. Yakoreye ubuvugizi abagore bafashwe ku ngufu, abatinyura gutanga ubuhamya ku byababayeho no kwakira abana bavutse kuri iryo hohoterwa. Yagize uruhare mu bikorwa bihuza abantu mu byiciro bitandukanye hagamijwe guteza imbere umuco n'indangagaciro nyarwanda.**

Yakoze ibikorwa bitandukanye mbere na nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994. Mbere ya Jenoside, yari umukozi wa Komini Taba ushinzwe imibereho myiza. Amaze kubona ko Abatutsi bahigwa, yagerageje gufasha Abatutsi bagera ku munani (8) kubona indangamuntu zanditseho "hutu"zabafashije kunyura mu nzira bagahunga.
Mu gihe cya jenoside, yinginze abasirikare bari hafi aho, bamwemerera ko nabona abana babashije kurokoka ubwicanyi yababashyira bakabarinda. Yarabikoze ibyo bituma hagira abana b'Abatutsi barokoka.

Nyuma ya Jenoside, yagize uruhare rukomeye mu gufasha abapfakazi ba Jenoside gukira ibikomere, kwiyubaka no kwiteza imbere.

Yashinze umuryango SEVOTA (Service d'Encadrement des Veuves et Orphelins de Taba). Uyu muryango wakoze ibintu byinshi harimo :

- gufasha abahuye n'ibikomere batewe na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 kwiyubaka no kwiteza imbere,
- gufasha abagore bahohotewe gutanga ubuhamya bw'ibibi bakorewe, bakava mu bwigunge no kumva bafite ipfunwe.
- gutegura abagore bajyaga gutanga ubuhamya ku ihohoterwa n'ifatwa ku ngufu mu rukiko rwa Arusha cyane cyane mu rubanza rw'Akayezu wahoze ari Burugumesitiri wa Taba mu gihe cya Jenoside. Ibi byafashije kumva ko icyaha cyo gufata ku ngufu ari icyaha cya Jenoside nk'ibindi.
- gufasha abagore bafashwe ku ngufu muri Jenoside kugerageza kwiyakira no kwakira abana bavutse ku ihohoterwa no kubabwiza ukuri ku mateka ya Jenoside.

SEVOTA yabumbiye hamwe mu matsinda yo kwiteza imbere abagabo batahigwaga mu gihe cya Jenoside bashatse abagore bacitse ku icumu bababafasha kwiyumva mu muryango nyarwanda kuko basaga n'abahawe akato n'imiryango yabo ku mpande zombi.

Bashyizeho umugoroba w'amahoro mu matsinda yo gufashanya binyujijwe muri gahunda y'*Agaseke* aho buri wese yitanga agatura mugenzi we nk'uko byahozeho mu muco nyarwanda, bakavuga uko bamerewe bakagirana inama bimakaza umuco w'amahoro mu muryango nyarwanda.

**Uko igitekerezo cyamujemo**

Godeliva yari ashinzwe imibereho myiza muri Komini Taba, akaba mu muryango "Réseau des femmes oeuvrant pour le dévelopement rural" uharanira iterambere ry'abagore bo mucyaro. Mbere ya Jenoside yari afite inzozi zo kuzashinga ikigo cy'imfubyi kuko yabonaga abana b'impfubyi bagenda baba benshi aho yari atuye. Jenoside yabaye atarabigeraho ariko igitekerezo kikimurimo. Muri Jenoside, yabonye ko hari ibibazo bishya bikeneye

igisubizo gishya. Impfubyi, abapfakazi, abafashwe ku ngufu, abana bavutse ku Batutsi kazi bafashwe ku ngufu n'interahamwe, abarokotse Jenoside babana n'abayikoze, n'ibindi. Mu Kwakira 1994, yumvise intumbero y'icyo yakora cyaba:"Service d'encadrement des veuves et orphelins de Taba" (SEVOTA).

Yegereye ubuyobozi bwa Komini Taba, bumuha uruhushya kandi bumufasha gutangiza icyo gikorwa. Mu byo bamufashije harimo: gukora urutonde rw'abagore b'abapfakazi ba Jenoside, imfubyi, abagore bafashwe ku ngufu muri Jenoside, abana babavutseho n'abandi bose bariho mu buzima bugoranye bwa nyuma ya Jenoside.

Taliki ya 8 Werurwe 1995, ni bwo bashinze ku mugaragaro umuryango SOVETA. Intumbero yabo ni:"Igihugu kirimo abagabo n'abagore baharanira amahoro".

## 4. GISAGARA JEAN MARIE VIANNEY (+)

**Umwirondoro**



**Yavutse mu 1966**

**Amazina y'ababyeyi**
**Se:** *Kanyandekwe Canisius*
**Nyina:** *Mukankundiye Venantie*
*Yavukiye mu cyahoze ari Komini Nyabisindu, Umurenge wa Busasamana.*
*Ubu ni*
**Akarere:** *Nyanza*
**Umurenge:** *Busamana*
**Akagari:** *Rwesero*
**Umudugudu:** *Gatunguru*

*Yize amashuri yisumbuye mubijyanye n'amategeko.*
*Yashakanye na Ufitikirezi Rose nawe waje kwicwa muri Jenoside.Babyaranye abana babiri umuhungu n'umukobwa bombi barokotse ubwicanyi bwo muri jenoside.*

**Ibikorwa byamuranze**

**Ubwo yari Burugumesitiri wa Komini Nyabisindu, Gisagara Jean Marie Vianney yanze ko muri Komini ye haberamo ubwicanyi. Yakanguriye abaturage n'abakonseye kutitabira ubwicanyi anagerageza gukumira interahamwe zavaga ahahoze ari Komini Rukondo afatanije n'abapolisi ba Komini. Yishwe ashinyaguriwe kugira ngo batinyure abaturage ba Nyabisindu kwitabira Jenoside.**

Gisagara yabaye Burugumesitiri wa Komini Nyabisindu mu gihe cy'amashyaka menshi. Yari muri PSD kandi yari yaritandukanije n'ibitekerezo byo kwica Abatutsi bya Hutu Power wasangaga mu mashyaka yose.

Ubwo Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 yari itangiye, yakoze uko ashoboye akumira ubwicanyi muri Komini yayoboraga. Yegeranyije abaturage n'abakonseye abashishikariza kwanga no kwitandukanya n'ubwicanyi. Yarwanije interahamwe zateraga Komini yayoboraga ziturutse mu cyahoze ari Komini Rukondo, Perefegitura ya Gikongoro, afatanyije n'abapolisi ba Komini.

Yageze n'aho ajya mu cyahoze ari Komini Rukondo gukumira ibitero by'interahamwe ziyobowe n'interahamwe yitwaga Basabose Abel. Yafashe abapolisi ba Komini na OPJ bajyana muri iyo Komini guhosha ubwicanyi, abapolisi barashe mu kirere batatanya abari bagabye ibitero, bafata zimwe

mu nterahamwe barazifunga. Abo mugice cy'interahamwe byarabarakaje, bahuruza abasirikare ba FAR baza gufungura za nterahamwe. Gisagara yakomeje gukumira ubwicanyi akangurira abakonseye n'abaturage kutishora muri Jenoside na bo baramwumvira.

Bamukuye ku buyobozi bwa Komini Nyabisindu kuri 21 Mata 1994. Ni bwo na Jenoside yatangiye muri Komini ya Nyabisindu. Gisagara yatangiye kubaho yihishe kimwe n'abandi bahigwaga kuko abambari ba MRND bari baramubwiye ko bazamwica. Yahunganye n'Abatutsi ku musozi wa Giseke, afatanya n'abandi kwirwanaho kuko we yari afite imbunda. Yagarutse kwa sekuru i Busasamana, abicanyi barabimenya, bahagaba igitero, bamwica bamushinyaguriye kugira ngo batinyure abaturage bakore Jenoside.Yishwe tariki ya 8 Gicurasi 1994 bamwicana n'abapolisi bafatanyije na we guhangana n'abicanyi. Bishe n'abandi bo mu muryango we barimo umugore we n'ababyeyi be.

**Uko abamuzi babona igitekerezo cyamujemo**

Gisagara J.M.Vianney yabonye akarengane akiri muto. Arangije amashuri abanza,yabuze ishuri kandi atabuze ubwenge ahubwo azira ivangura rishingiye ku turere ryaranze Leta ya Habyarimana. Amashuri yisumbuye yayigiye muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo i Goma. Aho yigaga i Goma, yahamenyaniye na Ufitikirezi Rose, wari impunzi, baza no gushyingiranwa. Arangije kwiga yakoze imirimo itandukanye irimo kuba Perezida wa Banki y'abaturage ya Nyabisindu, nyuma aba uwungirije Burugumesitiri (Assistant Bourgmestre).

**Muri 1993, yaje kuba Burugumesitiri.**

N'ubwo yari umuyobozi wa Komini, abo bakoranaga bamuhimbiraga ibirego byinshi binyuranye: bamwe ngo ni icyitso cy'inkotanyi; abandi ngo afata amafaranga ya Komini akayaha ishyaka rye rya PSD. Ndetse ntibatinyaga no kumubwira ko bazamwica.Yari yarabonye akarengane k'Abatutsi kandi yari yarumvise n'akababaro umuntu aterwa no gutotezwa mu gihugu cyitwa icye. Ibyo byamuteye imbaraga zo kurwanya akarengane.

## 5. KABERA CALLIXTE(+)

**Umwirondoro**

**Yavutse mu 1956**
**Se :** *SIBOMANA Charles*
**Nyina :** *Nyirabahumbyi Therese*

**Akarere :** *Nyanza*
**Umurenge :** *Ntyazo*
**Akagari :** *Bugali*
**Umudugudu:** *Kabusheja*

*Yashakanye na Mujawamariya Immaculée mu mwaka 1987 babyaranye abana batatu abahungu babiri n'umukobwa umwe bose bariho.*

**Ibikorwa byamuranze**

**Kabera Callixte yabaye umusirikare wa Ex FAR, yaratotejwe kugeza yirukanwe mu gisirikari yitwa ko ari icyitso cy'Inkotanyi. Imbunda yahawe nk'uwahoze mu gisirikare ngo afashe abandi gukora Jenoside yakorewe Abatutsi, yayifashishije mu kurinda abaturanyi b'Abatutsi bamuhungiyeho. Yaje kwicwa, interahamwe zibona uko zica abo yarwanyeho igihe kirekire.**

Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994, yari umushoferi wa Komine Ntyazo, atwara Burgumestiri w'Umututsi witwa Nyagasaza Narcisse. Kuko yari yarabaye umusirikare wa Ex-FAR, abakoraga Jenoside bamuhaye imbunda ngo azabafashe kwica Abatutsi. Amaze kubona imbunda, abwira abayimuhaye ati: "Nta Mututsi muzica mutabanje kunyica. Aba bantu murabaziza iki?. Babatwaye iki? Muzica Abatutsi ntakiriho". Yiyemeza kurinda abahigwaga bose muri Jenoside. Bamwe bahungiye iwe mu rugo abandi akabarinda bari mu zindi ngo baturanye. Uwaterwaga, yavuzaga induru, Callixte agatabara. Yarasaga hejuru abicanyi bakanyanyagira. Akomeza kubarwanaho gutyo.

Interahamwe zifatanyije n'abapolisi ba Komini babonye ko batazica Abatutsi agifite imbunda, biga uburyo bwo kumwica. Baramushutse ngo bajyane mu nama i Nyanza. Ajyana na Viateur wari Burigadiye wa Komini kandi ari umuvandimwe we kwa se wabo.

Bageze mu nzira, bahagarika imodoka, baramurasa. Hari tariki 28 Mata 1994. Bamaze kumwica, ni bwo bagarutse bica Abatutsi bose bari baramuhungiyeho.

**Uko abamuzi babona igitekerezo cyamujemo**

Kabera Callixte yabonye akarengane k'Abatutsi ageze mu gisirikari cya Ex-FAR kuva 1987. Mu buzima bwa gisirikare yaratotejwe bamwita umututsi kubera isura yari afite kandi azira ko avuka mu Nduga i Butare. Ibyo byatumye ahora ahangayitse mu kazi. Akimurwa kenshi mu bigo bya gisirikare bitandukanye (Kanombe-Kibuye-Gabiro-Gisenyi).

Yabaye muri Camp Kigali, nyuma bamwimurira ku Kibuye ariko nta mutekano yigeze agira icyo gihe cyose kuko bamubonagamo Umututsi ariko akabyihanganira byose. Urugamba rwo kubohora Igihugu rutangiye, yafunzwe imyaka ibiri azira kuba icyitso cy'inkotanyi (yafunzwe kuva ku wa 6/10/1990). Afunguwe yahise ava mu gisirikare asubira iwabo i Ntyazo. Muri komini bakomeje kumwita icyitso cy'inkotanyi, bamwima akazi. Yaje kuba umushoferi wa Komini Ntyazo kuko Burgumestiri bashyizeho mu mwaka wa 1993 w'Umututsi yifuje ko bajya bagendana kandi bitwaje imbunda.

Icyo gihe cyose, Callixte yabonye akarengane k'Abatutsi ku ngoma ya Habyarimana kandi yabonye ko bataziraga ikosa bakoze ahubwo baziraga uko bavutse. Ni yo mpamvu yanze ubwicanyi bubibasiye cyane cyane ko abo baturage bose bashakaga kwica batazi mu by'ukuri icyo babazizaga. Mbere yo gupfa yabwiraga abaturanyi be b'Abahutu ati:"Nimujya no kuri bariyeri ntimukagire umuntu mwica. Mumenye ko amaraso y'inzirakarengane muzayabazwa".

## 6. MPANKIRIHO FREDERIC(+)

**Umwirondoro**

**Se:** *RUNANIRABAGABO*
**Nyina:** *Bernadette*
*Yashakanye na Uzamukunda Steriya, babyarana abana 7, abakobwa 4 n'abahungu 3. Bose barubatse.*

**yavukiye**
**Akarere:** *Nyanza*
**Umurenge:** *Cyabakamyi*
**Akagari:** *Nyarurama*
**Umudugudu:** *Kabyuma*

**Ibikorwa byamuranze**

**Mpankiriho Frederic yahishe abamuhungiyeho mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi, muri 1994 yagerageje kubarwanaho atanga amatungo n'amafaranga, ariko abicanyi babirengaho bamwicana n'umugore we n'abamuhungiyeho bose.**


Mpankiriho Frederic yari Responsible wa segiteri Cyabakamyi, akarangwa cyane no kubana n'abantu bose yayoboraga nta kuvangura. Jenoside itangiye, iwe hahungiye abantu benshi. Abwira abicanyi ati: "Ndabaha icyo mushaka ariko mureke kwica aba bantu". Abaha amafaranga, amatungo ariko baranga ahubwo bakamubwira kubiyicira ubwe. Abananiye, bica umugore we, bica n'abandi bantu bari bahahungiye babajugunya mu cyobo cyari ku biro bya segiteri Cyabakamyi. Na we baramujyana bigeze nijoro baramwica. Nyuma ya Jenoside, babashyinguye mu cyubahiro mu rwibutso rwa Jenoside ruri ahitwa mu Nkomero ahahoze ari Komini Murama.

**Uko abamuzi babona igitekerezo cyamujemo**

Bavuga ko Mpankiriho Frederic yari azi neza agaciro k'ubuzima bw'ikiremwa muntu. Yari afite inshuti mu Bahutu no mu Batutsi kandi agaha agaciro kubana neza n'abantu bose. Ibyo yabikuraga mu muryango we no mu kwemera kwe. Yumvaga atakora ikibi akibona cyane cyane kwica inzirakarengane nta mpamvu. Yagaragazaga ko umutima we umubwira kubana neza na buri wese kugeza ubwo yemera gupfana n'umugore n'abandi bari baje bamuhungiraho.

## 7. Padiri NIYOMUGABO JOSEPH (+)

**Umwirondoro**



**Yavutse 1941**
**Mu cyahoze ari Komini Muko, Perfegitura ya Gikongoro**

***Se****: Niyibizi*
***Nyina****: Anastasie Nyirambibi*
*Yavukanye n'abavandimwe 5, abakobwa 3 n'abahungu 2.*

*Yize seminari ntoya I Kabgayi kuva 1956, Seminari nkuru ayiga Orval, mu Ububirigi, yiga philosophy akomereza I Roma. Aho yize theology. Yahawe Ubusaserdoti kuwa 28 Nyakanga 1968, Orval mu Ububirigi.*

*Yakomereje amashuri mu Ubufaransa, Strasbourg aho yakuye impamyabushobozi y'ikirenga mundimi.(MA)*

**Ibikorwa byamuranze**

**Mu gihe cya Jenoside, Padiri NIYOMUGABO Joseph yari Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Cyanika. Yanze gusiga Impunzi z'Abatutsi zari zamuhungiyeho n'ubwo na we yahigwaga. Ubwo bashakaga kumuhungishiriza kuri Diyoseze ya Gikongoro yarabyanze, agumana n'abamuhungiyeho, akomeza kubarwanaho abashakira ibibatunga kugeza ubwo bamwicanye na bo.**

Impunzi za mbere zamugezeho kuya 12 Mata 1994. Arabakira, uko bagenda baba benshi babura aho bajya mu nzu, noneho abakirira mu gikari cya paruwasi, abandi bajya mu mashuri. Abaje bari baturutse i Murambi aho ubwicanyi bwari bwatangiye mbere. Yakoze uko ashoboye, abashakira ibyo kurya ndetse akajya no gusaba ibindi muri Caritas ya Diyosezi. Kuri 20 Mata, ni bwo igitero cy'interahamwe cyishe abantu bari kuri Paroisse. Bahageze nka saa yine z'amanywa, ibintu biracika, bica abantu umunsi wose.
Padiri Niyomugabo ntiyaguye mu gitero cy' uwo munsi. Abicanyi, bayobowe n'uwari Bourgoumestre wa Karama, Ngezahayo Désiré, n'uwari Sous Prefet, Ntegeyintwari, baje kureba mu mirambo niba yapfuye. Baramubura, noneho basigara

*Yayoboye seminari ntoya ya Kansi 1971-1973. Mu ishuri yayoboraga, nta munyeshuri wigeze atinyuka kumenesha mugenzi we mu imvururu zo 1973.*

*Yasabye Musenyeri we ko atakwemera ko seminari iba iy'ubwoko bumwe. Ntiyabyemeye. Nawe yahise asezera kuri uwo murimo, Musenyeri yemereye abaseminari b'Abahutu gusa ngo bagaruke kwiga. Yagiye i Burundi, ajyana n'abana bari birukanywe i Kansi, abashakira ishuri muri seminari ntoya ya Bujumbura mu Kanyosha. Yahamaze imyaka itatu, akomereza amashuri ye I Paris Sorbonne, ahoyakuye impamyabushobozi y'Ikirenga mu indimi (Doctorat).*

**Yapfuye 24/4/1994**
**Akarere***: Nyamagabe*
**Umurenge***: Cyanika*
**Akagari:** *Karama*
**Umudugudu:** *Nyanza*

bamushakisha. Yari yabashije kwihisha muri Farumasi.

Kuri 24/4/1994, ni bwo abaje gukuraho imirambo y'abishwe, barungurutse, babona abantu muri Farumasi bavuza induru, baraza baramufata baramwica. Ashyinguye mu rwibutso rw'Abazize Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Cyanika.

**Uko abamuzi babona igitekerezo cyamujemo**

Abamuzi bavuga ko Niyomugabo Joseph yari umupadiri witangira Abakristu atarobanuye. Yari azwiho kuba umunyakuri no kwanga akarengane.Yari umuntu ushyikirana cyane akanga amafuti.

## 8. MUNYURABATWARE SOSTENE (+)

**Umwirondoro**



**Yavutse mu 1947**

**Se:** *Ngirumpatse*

**Nyina:** *Kangeyo Marthe,*

*Yavukiye mucyahoze ari Komini Kanama, Perefegitura ya Gisenyi. Ubuni :*

**Akarere:***Rutsiro,*

**Umurenge:** *Musasa,*

**Akagari :** *Nyarubuye,*

**Umudugudu :** *Murambi*

*Yashakanye na Mukamusoni Belia wapfuye muri Nyakanga 1994 avuye mu buhungiro muri Congo, Sostene yabyaye abana 8, umwe yitabye Imana muri 1997*

**Ibikorwa byamuranze**

**Munyurabatware Sostene yishwe azira ibikorwa byo kurokora Abatutsi bahigwaga mu gihe cya Jenoside, akaba yarabambutsaga abajyana ku Idjwi akoresheje ubwato.**

Muri Jenoside yakorewe Abatutsi, Sostène yari afite ubwato mu Kiyaga cya Kivu. Yari umugabo wabanaga n'abantu cyane. Abatutsi baza bamuhungiraho kugira ngo abambutse abajyane mu cyahoze ari Zaire cyabaye Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo. Yabanje kwambutsa umugore we wari umututsikazi hamwe n'abaturanyi barimo uwitwa Gatete na Forodo.

We n'umuvandimwe we Leopord Munyakayanza bagiye bambutsa abantu benshi kuko ku nshuro ya kabiri Sostene yajyanye abantu 52, naho Leopold akajyana 47. Ku tariki ya 15 Gicurasi 1994, avuye muri Congo, abicanyi bayobowe n'uwari Responsabule wa selire witwaga Harinditwari Jean, bamutegeye ku cyambu baramufata, bamujyana muri santiri (centre) ya Mirambi baramukubita kugeza bamugize intere. Bamushyinguye atarashiramo umwuka, bamutaba mu rwobo runini rwari hafi aho. Bamwicanye na murumuna we Munyakayanza Léopold. Abo yarokoye bashimira ubutwari yagize muri icyo gihe akemera gutanga ubuzima kandi azi neza ingaruka byagombaga kumugiraho we n'umuryango we.

**Uko abamuzi babona igitekerezo cyamujemo**

Abamuzi bavuga ko yari umubyeyi mwiza warangwaga n'ubupfura. Yakundaga gusenga cyane, yari afite icyumba cy'amasengesho iwe. Yafataga buri muntu wese nk'undi ndetse yibonaga mu bantu bose.

## 9. MUNYAKAYANZA LEOPOLD (+)

**Umwirondoro**

**Yavutse:** *1952*
**Amazina y'ababyeyi**
**Se:** *Nsekanabo*
**Nyina:** *Nyiramondo*

**Aho yavukiye**
**Akarere:** *Rutsiro*
**Umurenge:** *Musasa*
**Akagari:** *Nyarubuye*
**Umudugudu:** *Rebero*
*Yashakanye na Nyinawankusi Annonciatha, babyarana abana* **batandatu:** *abahungu babiri n'abakobwa bane.*

**Ibikorwa byamuranze**

**Munyakayanza Leopold yapfuye yishwe kubera gukora ibikorwa byo gutabara abahigwaga mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi, akaba yarabambutsaga abajyana ku Idjwi akoresheje ubwato.**

Guhera muri 1990 Inkotanyi zimaze gutangiza urugamba rwo kwibohora, Abatutsi batangiye guterwa amabuye mu ngo zabo, bahungira kwa Munyakayanza Leopold no kwa mukuru we Munyurabatware Sostène. Jenoside itangiye muri 1994, abantu benshi bahungiye mu miryango yabo. Maze bajya inama y'uburyo bafatanya gukiza abantu interahamwe zahigaga. Abatutsi bumvise ko hari abantu babafasha bakabambutsa i Kivu, baje ari benshi baturutse muri Rutsiro na Karongi bahasanga n'abandi. Interahamwe zamennye ubwato bakoreshaga, maze Sostène na Leopold biyemeza kwitiza ubwato bw'undi muntu bambutsa abandi Batutsi bagendaga babahungiraho.

Ku ncuro ya kane, ni ho Munyakayanza Leopold yishwe, yicanwa na mukuru we agarutse avuye kwambutsa abantu, maze bombi babakubitira bikomeye kuri santeri (centre) ya Mirambi, kandi bashyingurwa bataravamo umwuka. Bishwe n'abantu bakomoka mu miryango yabo. Abo barokoye bose babavuga ibigwi.

**Uko abamuzi babona igitekerezo cyamujemo**

Munyakayanza Leopold ni umuntu uvuka hafi y'Ikiyaga cya Kivu kimwe na mukuru we kwa se wabo Munyurabatware Sostène. Ababazi bavuga ko bari abantu b'abizerwa aho bari batuye, kandi bombi bari inshuti nyanshuti ku buryo ibyo bakoraga byose bajyaga inama. Yarangwaga n'ukuri kuko atajyaga yifuza ko hari umuntu n'umwe wagirirwa akarengane. Mu gihe cya Jenoside yabashije gufasha Abatutsi benshi bagera kuri 200 kwambuka bagahungira muri Congo.

## 10. NTAWURYERERA ISAACAR(+)

**Umwirondoro**

**Yavutse:** *1963*

**Amazina y'ababyeyi**
**Se:** *Ikiribera*
**Nyina:** *Nyirakanani*

**Aho yavukiye**
**Akarere:** *Karongi*
**Umurenge:** *Gishyita*
**Akagari:** *Munanira*
**Umudugudu:** *Bweramvura*

*Yashakanye na Kantama Epiphanie mu mwaka 1980 babyarana abana 4 b'abahungu. Umugorewe n'abana be 4 baracyariho.*

**Ibikorwa byamuranze**

**Mu gihe cya Jenoside Yakorewe Abatutsi, Ntawuryerera Isaacar yahungishije Abatutsi benshi mu bwato abajyana ku Idjwi, noneho Burugumetiri aramubuza aranga. Uwari Konseye na we aramubuza aranga, akomeza kubajyana. Ku tariki ya 8 Gicurasi, Burugumesitiri Karasankima n'abandi bantu benshi barimo Mika baramuteye iwe mu rugo, baramufata, baramwica bamuziza ko yambutsa Abatutsi akabajyana mu cyahoze ari Zaire ubu ni muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo.**

Ntawuryerera yari umucuruzi w'ibiribwa yavanaga ku Kirwa cy'Idjwi, muri Congo, akabigurisha mu Rwanda. Ubwo Jenoside yatangiraga, kuko yari umuntu wabashaga kuganira n'abantu benshi, yaje gutembera agera kuri santere (centre) hateraniye abantu benshi. Bamubwira ko kwica Abatutsi byatangiye kandi noneho atari nka kera kuko nta n'umwe bagomba gusiga, habe n'uruhinja. Bamubwira umuntu bishe ahongaho. Yagarutse mu rugo, atangira kugenda aburira Abatutsi ko ubwicanyi bukaze bwatangiye, ko uwabibasha yakwambuka agahungira muri Congo. Ubwo bamwe batangiye guhungira iwe, atangira gushaka uburyo bwo kubafasha kwambuka akoresheje ubwato yari afite. Bavuga ko yafashije abagera kuri 206 kwambuka.

Yari afite abamufasha bo mu muryango we ndetse n'abaturanyi. Ariko Isaacar akaba umuyobozi wabo bose. Yari yarabagabanyije imirimo. We yajyaga kuganira n'abayobozi b'interahamwe ngo amenye gahunda iriho. Abandi bakajya ku irondo kugira ngo bamenye aho abicanyi ba ruharwa bari. Hari

igihe bambutsaga abantu nka saa saba z'ijoro interahamwe zigiye kuryama. Kandi bagaruka bakajya guhinga kugira ngo hatagira ukeka ko bataryamye. Hari uwari ushinzwe kujya mu kabari kumva ibivugwa, n'abandi.

Byaje kumenyekana ko ahungisha Abatutsi, uwari Burugumesitiri witwaga Karasankima, ari kumwe n'umugabo witwaga Mika n'abandi benshi baje mu modoka bamusanga iwe mu rugo. Yari yiriwe asenga kuko hari kuwa gatandatu kandi ari umudiventisti w'umunsi wa karindwi, bamusohora mu nzu, bagenda bamukubita cyane, bamwita ikigwari, bamugeza ku modoka, baramutemagura kugeza bamwishe, hari tariki ya 08 Gicurasi 1994.

**Uko abamuzi babona igitekerezo cyamujemo**

Abamuzi bavuga ko kuva kera Isacar yabanye n'abantu bose neza kandi atarobanura. Yabanye n'Abahutu abana n'Abatutsi. Nta na rimwe atatabaye Abatutsi igihe cyose babuzwaga amahoro mu mateka y'u Rwanda. Kandi mu Karere atuyemo hari abandi baturage bihutiraga kwitabira ubwicanyi bw'Abatutsi. Ntiyigeze yemera ko abantu bapfa bazira ubusa. Mu buzima bwe bwose yitandukanyije n'ikibi.

## 11. Soeur KAMUZIMA MARICIANE

**Umwirondoro**



**Yavutse: 1936**

**Se:** *Gihimbi Simon*

**Nyina:** *Nakure Catherine*

*Aho yavukiye*

**Akarere:** *Nyamasheke*

**Umurenge:** *Kagano*

**Akagari:***Ninzi*

**Umudugudu:***Ninzi*

*Yihaye Imana mu muryango w'Abapenitente ba Mutagatifu Fransisko wa Assize.*

**Aho atuye**

**Akarere:** *Nyamasheke*

**Umurenge:** *Shangi*

**Akagari:***Shangi*

**Umudugudu:** *Busasamana*

*Ubu ari mu kiruhuko cy'izabukuru aba mu kigo cy'ababikira ba penitente ba Saint Francois d'Assise i Shangi*

**Ibikorwa byamuranze**

**Soeur Kamuzima Marcienne yagaragaje ubutwari mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 kandi na we yarahigwaga. Nyamara yanze gusiga abantu bari bamuhungiyeho mu kigo yari ayoboye cy'ababikira b'Abapenitente cya Shangi n'abari bahungiye kuri Paroisse Gatolika ya Shangi; akabashakira ibyo kurya n'imiti yo kubavura.**

Soeur Kamuzima Marcienne yakiriye abantu benshi baje bamugana ndetse abenshi bari abanyeshuri bahigwaga baje babanza kujya kuri paruwasi hamwe n'abandi ariko we ubwe yaragiye arabashaka, abazana mu kigo cy'amashuri yayoboraga cya Groupe scolaire de Shangi kuko n'ubundi bari mu biruhuko bya Pasika. N'abandi bana barabibonye, baza bamuhungiraho arabakira. Haje kuza n'abandi benshi baturutse aho kuri paruwasi arabakira abaha ubuhungiro. Yaribwiraga ati: "Niba ari ugupfa nzapfana na bo". N'ubwo yashoboraga kwifashisha umuryango w'ababikira agahunga, yanze kubatererana yiyemeza kugumana na bo."
Haje kuza abajandarume babiri boherejwe na Komanda wa jandarumori ya Cyangugu kurinda amazu n'ibigo by'amashuri kugira ngo batabisenya. Na bo yabakiriye neza bituma interahamwe zitamutera kenshi kuko zari zizeye ko harinzwe. Ibyo byatumye abasha gufasha abantu benshi batashoboraga kubona umwanya

mu kigo imbere ariko bihishe mu ruzitiro rwa Cypres. Yabashaga kubagaburira nijoro bakisubirira mu bwihisho bwabo. Abo bajandarume yabafashe neza, akabagaburira, akabaha na byeri, bakagwa neza. Ibyo byatumye batica abantu, ndetse babasha kuguma mu kigo kugera mu mpera z'ukwezi kwa Nyakanga 1994.

Yagize kandi uruhare mu kuvura inkomere nyuma y'igitero cy'uwitwa Yusuf MUNYAKAZI; iyi nterahamwe (Yusouf) yasize inkomere nyinshi i Shangi kuri Paroisse Gatolika. Soeur Marciana yashatse imiti arabavura, abakomeretse cyane akabohereza ku bitaro bya Bushenge. Bigeze mu kwezi kwa karindwi yabahungishirije i Nyarushishi akoresheje imodoka y'ababikira b'abapenitente. Nyuma ya Jenoside, yumvise afite ubutumwa n'inshingano byo kuba hafi abafite ibikomere ku mutima no ku mubiri batewe na Jenoside. Yareze imfubyi nyinshi atarobanuye, agamije kuzifasha mu myigire, azigisha umuco wo kubabarira no kwimakaza amahoro. Mu Kigo cy'ababikira b'abapenitente yari akuriye, harokokeye abantu basaga ijana kandi ntibigeze bicwa n'inzara cyangwa inyota, icyo kigo cyagerageje kubitaho no kubitangira muri byose. Nyuma ya Jenoside, yafashije impfubyi nyinshi kubona ubuzima, biga amashuri yisumbuye n'amakuru, ashyingira imfubyi yareze akazifasha nk'umubyeyi.


**Uko igitekerezo cyamujemo**

Soeur KAMUZIMA Marcienne arangwa n'ubworoherane, ubwitange, ubunyangamugayo, gukunda abana. Mu buzima bwe bwose yaharaniye kuzamura ubumwe n'ubwiyunge mu bana yareraga, agamije kwigisha amahoro arambye no gutoza abana indangagaciro nyarwanda mu kigo. Imibereho n'imibanire ye byiza n'abaturage muri rusange byatumye ikigo yari ayoboye kibera benshi ubuhungiro kandi baraharokokera.

Avuga ko uwo mutima yagize wo gufasha abantu abikesha Imana agira ati: "Ni Imana yaduhaye ubushobozi, njye numvaga ari ngombwa. Ntiwashoboraga kurebera abantu babuze aho bahungira bakurikiwe n'abashaka kubica, ngo ubareke kandi hari icyo washoboraga gukora. Njye numvaga ntakwicara ngo ndeke abo bana bapfe kandi hari ibyo kurya n'aho kuryama ndetse numvaga tugomba gupfana."

## 12. Dr.HABYARIMANA JEAN BAPTISTE(+)

**Umwirondoro**



**Yavutse:** *14/03/1950*

**Se:** *Nkangura Paul*

**Nyina:** *Mukarweru Thérese*

*Yavukiye Mucyahoze ari Commune Runyinya, Umurenge wa Mpanda.*

**Ubu ni**

**Akarere:** *Nyaruguru*

**Umurenge:** *Kibeho*

**Akagari:** *Mpanda*

**Umudugudu:** *Munege*

*Yashakanye na Mukakibibi Josephine*

*Babyaranye abana babiri b'abakobwa. Bose bishwe muri jenoside.*

**Ibikorwa byamuranze**

**Dr Jean Baptiste Habyarimana yabaye Perefe w'icyahoze ari Perefegitura ya Butare mu gihe cy'amashyaka menshi muri 1992. Ubwo Jenoside yatangiraga, Perefe Jean Baptiste yakoze uko ashoboye ngo ubwicanyi butagera muri iyi Perefegitura. Kugira ngo Jenoside ishoboke muri Butare byabaye ngombwa ko babanza kumukura kuri uyu mwanya. Abari abayobozi bakuru b'Igihugu bagiye gushishikariza abanyabutare kwitabira ubwicanyi. Yanze gusiga abo yayoboraga yemera gupfana na bo we n'umuryango we.**

Mbere yo kuba perefe yabanje kuba mwarimu muri Kaminuza y'u Rwanda. Akiva kwiga muri Amerika, yageze i Butare muri kaminuza mu kwezi kwa cyenda 1990. Inkotanyi zitangije urugamba rwo kubohoza Igihugu, na we afatwa mu byitso, amara amezi atandatu muri gereza. Amashyaka menshi atangiye muri 1991, yagiye muri PL (Parti Libéral). Yabaye Perefe wa Butare muri 1992.

Ubwo Jenoside yatangiraga, yagerageje kubungabunga umutekano mu cyahoze ari Perefegitura ya Butare. Abo yayoboraga baramwumviye banga kwijandika mu bwicanyi ndetse n'abahigwaga banga guhunga kubera icyizere bari bamufitiye. Yagiye ajya guhumuriza abantu bari bugarijwe n'ubwicanyi. Kuri 18 Mata

1994, yagiye i Cyahinda guhumuriza impunzi zari kuri paruwasi. Ariko avuyeyo, ni bwo Guverinoma y'Abatabazi yaje i Butare gukangurira Abahutu baho gukora Jenoside. Uwo munsi uwari Perezida, Dr Sindikubwabo Théodore yavugiye i Butare ngo: "Abanyabutare bigize ba ntibindeba, nibabireke, maze bareke abashaka "gukora" bakore. Uwo munsi ni bwo bavanyeho Perefe Dr Habyarimana Jean Baptiste. Babanje kumufungira mu biro bya perefegitura mbere yo kumujyana kumufungira i Murambi ya Gitarama aho Leta y'abatabazi yakoreraga. Ariko umugore we n'abana be babiri babiciye mu rugo aho bari batuye i Butare.

Mushiki we yavuze ko mu rubanza rwa Agnès Ntamabyariro, wari muri PL pawa (power), na Minisitirii w'Ubutabera muri Guverinema y'Abatabazi, yavuze ko bafungiye Habyarimana i Murambi, noneho bemeza ko azira ubusa, ngo atanga impapuro zo kumufungura. Ngo yaramubajije ati: "ngufungure wizeye umutekano wawe? Undi aramusubuza ati "urabona nabuzwa n'iki kuwizera? Aramufungura ariko bigaragara ko ari umutego bari bateze wo kumwica. Yishwe mu kwezi kwa Gicurasi. Mushiki we avuga ko bashengurwa umutima n'uko batigeze bamenya aho yiciwe ngo babone umubiri we, ashyingurwe mu cyubahiro akwiye.

**Uko abamuzi babona igitekerezo cyamujemo**

Abamuzi bavuga ko Jean Baptiste Habyarimana yaranzwe igihe cyose n'ibitekerezo bizima. Abantu bose bamwisangagaho kuko atigeze arangwa n'ivangura iryo ari ryo ryose. Yagiraga ubuhanga bwo kubona ibisubizo mu buzima.Abarimu ba Kaminuza bamuziho kuba ari umwe mu bashinze isanduku yo gufatanya y'abakozi na n'ubu igikora kandi ibafitiye akamaro kagaragara.
Yari umuntu urangwa n'ukuri, ugira umurava mu byo akora, atitaye ku cyenewabo cyangwa ubwoko, atitaye ku ngaruka kugeza n'aho atanze ubuzima bwe. Yari umuntu ukunda Igihugu ndetse akaba yanagipfira, nk'uko byamugendekeye yiyemeza kurinda umutekano w'abo yayoboraga kugeza abizize.

## 13. PADIRI RUGIRANGOGA UBALD

**Umwirondoro**



**Yavutse:** *16/05/1956*

**Amazina y'ababyeyi**
**Se:** *Kabera Jacques*
**Nyina:** *Mukaruhamya Anysie*

*Yavukiye ahahoze ari muri Perefegitura ya Cyangugu Komini ya Karengera muri Segiteri ya Rwabidege muri Paroisse ya Mwezi*

**Aho atuye**
**Akarere:** *Rusizi*
**Umurenge:** *Kamembe*
**Akagari:** *Karambo*
**Umudugudu:** *Cyangugu*
*Yahawe ubupadiri mu 1984*

*Ubu ni umupadiri wa Diyoseze ya Cyangugu ho mu Ntara y'Iburengerazuba.*

**Ibikorwa byamuranze**

**Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, Padiri Ubald yatangije gahunda y'isanamitima n'Ubwiyunge muri Paroisse Mushaka. Iyo gahunda yeze imbuto hirya no hino mu yandi ma Paruwasi. Yahuje abishe n'abiciwe hagamijwe komorana ibikomere, kwiyunga ubwabo no kwiyunga n'Imana; yahuje abagombaga kurangirizwa imanza z'imitungo kugira ngo imitungo yishyurwe mu mahoro, kandi abigishijwe bose bagahurizwa mu matsinda y'ubufatanye.**

Gahunda yo guhuza abiciwe n'abishe hagamijwe komorana ibikomere no kubikira yatangije muri Paroisse ya Mushaka (Imirenge ya Gashonga, Nzahaha na Rwimbogo) yeze imbuto nyinshi mu baturage bagize iyo Mirenge ndetse irarenga igera no mu zindi Paruwasi zirimo Ntendezi, Mashyuza, Shangi, Nkanka, i Mugombwa muri Diyosezi ya Butare n'ahandi. Yasabye abishe mu bo yigishaga muri Paruwasi ya Mushaka kutiherera mu ntebe ya Penetensiya, ko ahubwo bagomba kugaragaza ibyo bakoze mu ruhame bakabona gukomorerwa amasakaramentu bakanababarirwa.

Yagiye ajya no muri Gereza ya Cyangugu kwigisha kwirega no kwemera ibyaha kandi byatumye abafunguwe babitangira ubuhamya bujyanye no kubohoka, kongera kwiyunga n'Imana n'abaturage. Yafashije kandi mu bikorwa byo kurangiza

imanza z'imitungo nyuma ya Gacaca kugira ngo imitungo yishyurwe ndetse abatabishoboye basonerwe n'abangirijwe imitungo. Umusaruro w'iyi gahunda ni uko abayitabiriye batsinze urwikekwe bakibona nk'Abanyarwanda kugeza ubwo bamwe mu bakomoka mu miryango yari yarahemukiranye bashyingirana, abandi bakabyarana abana muri Batisimu, ndetse bakanahahana inka.

**Uko igitekerezo cyamujemo**

Mu buzima bwe yabonye ibimenyetso bikomeye byamweretse ko Abanyarwanda babuze urukundo. Akiri umwana muto, yabonaga we n'ababyeyi be bihisha mu bihuru abashaka kubica kandi atazi icyo babaziza. Nyuma yabonye Se na Sekuru bikanda inkoni bari barakubiswe mu mvururu z'amoko zo muri 1960. Ntibyateye kabiri Se baramwica muri 1963 azira ubwoko.

Muri 1973 yirukanywe mu ishuri rya Seminari ntoya yo ku Nyundo mu mvururu z'amoko, aho birukanaga abanyeshuri b'Abatutsi mu mashuri ndetse no mu mirimo. Yahungiye i Burundi aho yakomereje amashuri muri seminari nto ya Diyosezi Gatolika ya Bujumbura.

Arangije amashuri yisumbuye, yagarutse mu Rwanda mu mwaka wa 1978, akomereza amashuri mu iseminari nkuru ya Nyakibanda. Yahawe Ubusaseridoti tariki ya 22 Nyakanga 1984 i Mwezi. Yemeza ko icyamuteye kuba umupadiri ari uko yumvise ijwi rimusaba kwigisha Abanyarwanda urukundo.

Muri 1990 yafashwe mu byitso. Muri gereza baramukubita ariko abantu batanga ubuhamya ko arengana. Baramusatse basanga nta mbunda afite, baramurekura arataha. Ageze imuhira yazengurutse paruwasi akoresha inama ababwira ko bagomba kujya bakundana bakareka amacakubiri ashingiye ku moko bakagira ubumwe.

Ubwo Jenoside yakorewe Abatutsi yatangiraga, yakiriye impunzi nyinshi kuri paruwasi ya Nyamasheke. Interahamwe zisaba Perefe ko ategeka Padiri Ubald akava kuri paruwasi kugira ngo batica impunzi. Yafashe imodoka agenda

akurikiranye na Perefe, ahungira kuri Eveche ya Cyangugu. Kuri 25 Gicurasi ahungira muri Zayire, akomeza ajya i Bujumbura. Ntiyahatinze kuko yari afite ubutumire bwo kujya mu Bubiligi. Yagiyeyo aboneraho aranaruhuka, ahamara amezi 6 abona kugaruka mu Rwanda. Hari abamubwiraga ngo yigumire i Burayi ariko we akumva afite inshingano yo kwigisha urukundo n'imbabazi mu Banyarwanda kuko yari yarabonye umwiryane bari bafite.

## 14. PADIRI MASINZO JEROME

**Umwirondoro**



**Yavutse 30/09/1963**

**Amazina y'ababyeyi**
**Se:** *Masinzo Paulin*
**Nyina:** *Mukarumongi Thérèse*

**Aho yavukiye**
**Akarere:** *Nyamagabe*
**Umurenge:** *Kaduha*
**Akagari:** *Kavumu*
**Umudugudu:** *Karehe*

**Aho atuye**
**Akarere:** *Huye*
**Umurenge:** *Gishamvu*
*Yahawe ubupadiri mu 1988*
*Ubu ni umupadiri wa Diyoseze ya Butare*
*Akorera ivugabutumwa bwe muri Paruwasi ya Nyumba.*

**Ibikorwa byamuranze**

**Padiri Masinzo Jerôme yafashije abapfakazi ba Jenoside yakorewe Abatutsi bo mu Murenge wa Karama kwiyakira, kongera kwigiramo icyizere cyo kubaho. Yabafashije kwegerana n'abagore bafite abagabo bafunze bakorera hamwe biteza imbere bakora Ishyirahamwe Ubutwari bwo kubaho ubu rikorere mu Turere twa Huye na Nyaruguru. N'ubwo yabuze abavandimwe muri Jenoside Yakorewe Abatutsi, ntiyaheranywe n'agahinda ndetse agerageza kurema icyizere cy'ubuzima mu bapfakazi yari asanze mu Murenge wa Karama abereka ko n'ubwo igicaniro cyazimye hari ubwo ikara rimwe ryakongera kwatsa umuriro.**

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994, Padiri Jerôme yoherejwe na Musenyeri wa Diyosezi ya Butare kujya asoma misa muri Paruwasi ya Karama mu ntangiriro za 1995. Ahageze, yasanze abantu barokotse Jenoside baba mu mazu ya paruwasi, barahungabanye, badashaka kumva misa kandi abenshi bari abakirisitu gatorika. Bari bafite urwango mu mutima kuko iyo babonaga abagore bagemuriye abagabo babo bafungiye hafi aho kuri komini Runyinya, bazira kugira uruhare muri Jenoside, babateraga amabuye. Padiri abibonye agira impuhwe, yiga uburyo yabafasha bakagaruka ibuntu. Yatangije gahunda yo kubegera no kubumva no kubaganiriza.

Yabatoje gushakisha icyiza niyo cyaba ari na gito baba bibuka babonye mu bihe bikomeye bakacyubakiraho maze buhoro buhoro abagarura ibuntu biciye mu kubatega amatwi, kubafasha gukira ibikomere byo ku mutima ari na ko abifatanya no kubashakira imibereho yabo n'abana babo. Yakoze ubuvugizi abasha kubabonera amacumbi, ibyo kurya no kwambara no kurihira abana amashuri mbere y'uko inkunga zigenerwa abacitse ku icumu ziboneka.

Abagore bari bafite abagabo bafunze na bo baramwegereye bamusaba kubafasha kwiyakira no kwegerana na bagenzi babo barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, yarabakiriye arabafasha arabahuza.

Yagaragaje ubushishozi n'ubutwari kuko ibi byatangiye mu bihe byari bikomeye kuvuga ubwiyunge abantu bagikomeretse cyane (Kanama 1994). Bamaze kugera ku mubare munini 1881 bashyizwe mu matsinda, abayobozi b'amatsinda bahugurirwa gufasha abandi bituma igikorwa bakigira icyabo. Hakoreshwaga uburyo bwo gukiza ibikomere by'umutima ariko no kubafasha mu buryo bw'imibereho.

Ibi bikorwa ni byo byabyaye ishyirahamwe **"Ubutwari bwo kubaho"** rifite ibikorwa byivugira mu Turere twa Huye na Nyaruguru. Yemeza ko ibi yabikoze yuzuza inshingano z'ubutumwa bwa gisaseredoti.

**Uko igitekerezo cyamujemo.**

Jerôme Masinzo ni Umupadiri wa Diyosezi ya Butare kuva mu mwaka wa 1988. Mu ntangiriro za 1995, Musenyeri amusaba kujya ajya gusoma misa i Karama ku cyumweru. Mu mazu ya paruwasi ya Karama, ni ho impunzi z'abacitse ku icumu zabaga. Yagezeyo banga kuza mu misa. Abatutsi barokotse Jenoside cyane cyane abapfakazi ba Jenoside n'abana babo bamubwiraga ko badashobora kwinjira muri kiriziya, ahantu baburiye abana babo n'abagabo, ndetse n'abo bari bazi. Bamubwira kandi ko bibaza niba Imana yo atari interahamwe, niba yararetse ubwicanyi bukaba. Padiri Jerôme yaratubwiye ati : « Nagize impuhwe kuko wabonaga bambaye nabi kandi basa nabi

ku mubiri, bakagira urugomo rukabije, kuko bateraga amabuye abagore bagemuriye abagabo babo bafungiye hafi aho ahahoze Komini Runyinya. ». Akababaro kabo yarakumvaga kubera amateka ye bwite. Yamenye Jenoside akivuka mu mwaka wa 1963 mu karere ka Bunyambiriri. Nawe ubwe yarahizwe muri 1994, arokoka ku bw'ubuntu bw'Imana. Azi agahinda ko guhigwa no kwicwa n'abantu bakuzi, mwabanye kandi ntacyo bakuziza kindi uretse uko wavutse.

Padiri Masinzo yatangiye kujya abaganiriza. Avuga ko yajyaga atera agatebe muri Kiriziya, kuko amazu y'abapadiri yari yarasenyutse, akabaha akanya akabatega amatwi. Byarakomeje batangira kujya batanga ubuhamya hagati yabo ndetse avuga ko buri wese, nawe ubwe yihereyeho, batangiye gutanga ubuhamya bw'inzira yo kurokoka. Bakavuga ukuntu bahunze bagana i Burundi bagahura n'abantu batandukanye, umwe akabaha imyenda, abandi ibyo kurya; abandi bakabahisha ndetse no mu kugaruka ugasanga uwo wasigiye amatungo aracyayafite akayagusubiza. Ni bwo bihaye intego bagira bati «turebe ijanisha ry'ibyiza twahuye na byo maze turebe niba nta neza koko yabayeho.» Buhoro buhoro, batangiye kwemera kwinjira mu Kiliziya. Bakomeje kwiga no kwegerana. Batangira inzira yo kwiyunga no kubabarirana. Bahuza imbaraga bagamije kugarura ubuzima muri bo.Yaje kubashyira hamwe bashinga umuryango « Ubutwari bwo kubaho ».

## 15. UWEMEYIMANA ALOYS

**Umwirondoro**



**Yavutse:** *1962*

**Amazina y'ababyeyi**

**Se:** *Minani Jean*

**Nyina:** *Uzamukunda Marciane*

*Aho yavukiye*

*Mu cyahoze ari Prefegitura ya Cyangugu, Komine Gishoma,*

*Aho atuye*

**Akarere:** *Gasabo*

**Umurenge:** *Rusororo*

**Akagari:** *Kabuga II*

**Umudugudu:** *Gatare*

*Yashakanye na Musabyemariya Vestine 1986, bafitanye abana batandatu, abahungu batatu n'abakobwa batatu.*

*Umukuru yarashatse,abandi barakiga.*

**Ibikorwa byamuranze**

**Ibikorwa by'indashyikirwa bya Aloys Uwemeyimana byagaragaye mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi, ubwo yitandukanyaga n'abicanyi, akiyemeza gufasha umuntu wese uhigwa, akamufasha kugera hakurya mu gihugu cya Kongo kugira ngo ahunge abicanyi. Yabashije gufasha Abatutsi barenga 118, abageza mu gihugu cya Kongo. Ntibyamworoheye kuko yatangaga amafaranga, akarara agenda kugira ngo bihishe abicanyi bari hose muri ako karere.**

Yari yarabwiye Abatutsi ashobora kugeraho bose ko uzabona uburyo amugeraho azamufasha kugera muri Kongo.

Ibyo byamuviriyemo gutotezwa. Interahammwe zaje iwe zimurega ko ahungisha Abatutsi, zishaka kumwica no kwica umugore we; ariko akagira Imana ntibamwice. Yageze n'aho bamushyira ku rutonde rw'Abahutu b'imbwa n'ibigwari. Yaravuze ati : «Nagize agahinda ko kuba mu bwoko bw'Abahutu ndebye ibyo bakoraga muri Jenoside».

N'ubwo afitanye isano na bamwe basebya Igihugu ntiyigeze yifatanya na bo ahubwo akomeje gukangurira abaturage ubumwe n'ubwiyunge no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside by'umwihariko.

**Uko igitekerezo cyamujemo**

Mbere ya Jenoside yari umukateshiste kuri santarari ya Rwinzuki, muri paruwasi ya Mushaka. Yari ashinzwe kandi Croix Rouge muri Segiteri ya Kirango. Ibyo byose avuga ko biri mu byamufashije kugira ubutwari bwo gutabara abantu muri Jenoside.

Mu buzima bwe yabonye akarengane. Mu mwaka wa 1977, ubwo yari arangije amashuri abanza, yatsinze ikizamini cya leta. Uwitwa Félicien Munyakabera azana urutonde ruriho abana bane batsinze na we ariho, amubwira ko yagize amatsiko yo kumenya uwo mwana watsinze uzajya kwiga i Kibogora.

Igihe cyo gutangira kigeze, asanga yarasimbujwe uwitwa Dorothée, wari umwana wa mwarimu. Bamubwira ko nta kuntu yakwiga umwana wa mwarimu atize. Ako karengane kose rero ni ko katumye muri 1994 ahaguruka ahitamo kwitandukanya n'abicanyi.

## 16. PADIRI EROS BORILE

**Umwirondoro**



*Aho yavukiye*

*Igihugu cy'Ubutariyani, ku itariki ya 23/12/1955*

*Yabaye padiri mu muryango w'Abarogationiste; Mu mwaka wa 1981, yaje mu Rwanda,*

*Muri 1987 ajya muri Paroisse ya Mugombwa.*

*Muri 1992-1994 yagiye kuyobora ikigo cy'imfubyi cya Nyanza.*

*Ubu asigaye aba i Roma*

**Ibikorwa byamuranze**

**Mu gihe cya Jenoside Padiri Eros Borile yifashishije ikigo cy'imfubyi yayoboraga, ahisha abahigwaga. Yarokoye abantu barenga 800 biganjemo abana bahahungishirizwaga n'ababyeyi babo. Na we ubwe yakoresheje abana batahigwaga agerageza gushakisha abana barokotse akajya abatoragura akabazana mu kigo cye. Yanze gusiga aba bana no mu gihe yari arwaye arembye. Igihugu cye kimusaba gutaha kugeza ubwo bemeye kohereza usigara yita ku bana yari ashinzwe.**

Padiri EROS Borile yaje gukorera ubutumwa bwe mu Rwanda mu mwaka 1987 i Mugombwa, kuva muri 1992 gukomeza muri 1994 yayoboraga ikigo cy'imfubyi cyitiriwe Mutagatifu Antoine giherereye mu Karere ka Nyanza. Yaranzwe no gufasha imfubyi zari ziri muri icyo kigo akabashakira ibyo kurya ibyangombwa byo kwiga n'ibindi byinshi.

Yabashije kurokora abahigwaga mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi bagera kuri 800 biganjemo abana. Yari yarahishe n'abapadiri 3 b'i Nyanza ariko abarungurukaga mu mazu baza kumenya ko abapadiri ari ho bababuriye. Haza kamyoneti (camionnette) irimo abagabo babiri barababeshya ngo Musenyeri abatumye abapadiri ngo arinde umutekano wabo. Barabajyanye bahita bajya kubica. Byaramubabaje cyane, bigera n'aho arwara.

Ku itariki 11 Gicurasi 1994, yagiye mu bitaro i Kabgayi arwaye Malariya. Kuri 19/5/1994 agaruka i Nyanza. Yari ahangayikishijwe n'abana yari yarahishe. Kuri 20/5/1994, haza undi mupadiri wo mu muryango wabo witwa Georgio kumusigariraho, na we abona kujya kwivuza mu Butariyani kuri 21/5/1994. Yagarutse mu Rwanda kuri 13/9/1994 akomeza kwita kuri abo bana nk'umubyeyi wabo.

Mu gihe Jenoside yakorewe Abatutsi yari itangiye, abandi banyamahanga bagataha, Padiri Eros na we yashakiwe uburyo ngo atahe ariko we yanga gusiga abicwaga. Avuga ko azagumana na bo byaba ngombwa akazapfana na bo. Yakoreshaga uburyo bwinshi, aho yafataga abakobwa bamuhungiyeho akabogosha imisatsi akavuga ko ari ababikira bari mu myiteguro yo kwiha Imana. Abana akabahindura amazina, interahamwe zaza kumusaba urutonde rw'abahari akabaha amazina ya bamwe mu bana bahavuye abicanyi bakabura abo bashakaga, bakarokoka batyo. Abana ba Gisagara wahoze ari Burgumesitiri wa Nyabisindu barashakishwaga cyane. Yarabahishe ahindura amazina, bararokoka.

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, yakoze ibikorwa byinshi byo kubitaho, birimo kubarihira amashuri, kububakira no kubakorera ubukwe ku bashyingiwe. Ibi byatumye iwabo mu Butaliyani ibikorwa yakoze abihererwa ishimwe. Ubutumwa bwe mu Rwanda bwarangiye mu mwaka wa 2014 asubira iwabo mu Ubutariyani ari na ho aba kugeza ubu.

**Uko igitekerezo cyamujemo**

Avuga ko umutima w'urukundo n'impuhwe ari byo byaranze ibyo yakoraga cyane ko nk'umupadiri atashoboraga kubona umuntu aje amugana kandi ashobora kumufasha ngo abyirengagize. Yagombaga gukoresha uburyo bwose bushoboka akabarengera kuko bose ari abana b'Imana. « Imana yaturemye turi abavandimwe ndetse idusaba ko tugomba gukundana no kumva ko urwo rukundo rwa kivandimwe rwagombye kuranga buri wese n'ubwo habaho ibibazo bitandukanye mu buzima bwa muntu », ayo ni amagambo ya Padiri Eros Borile.

## 17. URBANIK STANISLAS

**Umwirondoro**



Ni umupadiri uvuka mu gihugu cya Pologne wo mu muryango w'abaparotini. Yageze mu Rwanda mu mwaka wa 1980, akaba yarabaye muri Paruwasi ya Ruhango Diocese ya Kabgayi.

Muri 1994 ubwo Jenoside yabaga, ni ho yari akiri Padiri (paruwasi Ruhango)

Ubu akaba ari mu gihugu cya pologne

**Ibikorwa byamuranze**

**Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi, Padiri Stanislas Urbanik yagize uruhare mu kurokora abantu bagera kuri 500 bamuhungiyeho aho yakoreraga ubutumwa muri paruwasi ya Ruhango. Yanze kubasiga ngo atahe iwabo ubwo abandi banyamahanga bakuragamo akabo karenge. Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, yashyizeho gahunda yo gufasha abantu gukira ibikomere no kwiyunga.**

Mu wa 1992, yatangiye ivugabutumwa rivuguruye rikangurira abantu kubana mu rukundo, amahoro n'ubworoherane abinyujije mu bakarisimatike (charismatiques). Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994, yagize uruhare rwo guhisha abagera kuri 500 bari bahungiye kuri Paruwasi ya Ruhango abifashijwemo na bamwe mu bo yari yarigishije. Yigeze gufata imodoka zari zizanye ibiryo ku kigo cy'Indangaburezi, ababwira ko ibyo biribwa babizana kuri paruwasi kuko ari ho hari impunzi nyinshi ziri mu kibuga ariko abahisha ko hari n'abandi benshi bari mu kigo imbere. Icyo gihe bakoraga uko bashoboye ngo bahunike ibiribwa mu kiriziya kugira ngo abantu babashe kubaho.

By'umwihariko, yarwanye kuri Padiri NKUSI Claver mugenzi we, ubwo interahamwe zazaga kumwica, Padiri Stanislas yamufashe mu maboko abwira interahamwe ko mbere yo kumwica ari we bica mbere. Padiri Stanislas yanze kandi gutaha mu gihe byari bikomeye avuga ko atazasiga intama ze. Ibi yabibwiye PadiriVitto wari uje kumukangurira gutaha. Icyo gihe yagize ati: "Nta mafaranga mfite yo gutaha", nuko undi amwereka amadolari amusaba ko bataha ariko Stanislas aramwangira. Ibyo byatumye na we ahindura igitekerezo ntiyaba agitashye ndetse yajyaga afunga kiliziya kugira ngo interahamwe zitinjira zigatwara abantu bari bahihishe cyangwa bakabahohotera, bakaba banabica.

Nyuma ya Jenoside Yakorewe Abatutsi, kubera ko we yumvaga icyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi ari icyaha ndengakamere, gifite ingaruka ku muryango w'abantu bose, yahagaritse amasakaramentu ku bakristu bose basabwa kubanza gukurikira inyigisho z'amezi atatu bigishwa gusaba imbabazi, kubabarira no kubana mu mahoro.

Abinyujije muri centre yitwa "*Urugo rwa Yezu Nyirimpuhwe, Paroisse Ruhango*", nyuma ya Jenoside yakomeje kugira uruhare rukomeye rwo gukangurira abakirisitu kuvugurura ubukrisitu bwabo anabakangurira komorana ibikomere byatewe na Jenoside yakorewe Abatutsi.

**Uko abamuzi babona igitekerezo cyamujemo**

Avuga ko indangagaciro zamufashije muri iki gikorwa ari ubukirisitu buhamye n'urukundo yatojwe mu muryango. Anavuga kandi ko Nyirakuru na we yagize uruhare mu guhisha Abayahudi mu gihe cya Jenoside yabakorewe. Ndetse ashimira Imana ko ari yo yamuhaye imbaraga zo kugira ubwo butwari agira ati : « njye nari igikoresho cy'Imana impa ubutumwa bwo kwita ku bana bayo, rero nagombaga gusohoza neza ubwo butumwa. »

## 18. RUTAGAYINTABAZA Léonard (+)

**Umwirondoro**

**Yavutse: 1943**
**Se:** *MIKAYIRE Xavier*
**Nyina:** *BASEKE Christiane*

*Aho yavukiye ari na ho umuryango we utuye kugeza ubu:*
**Intara:** *Iburasirazuba*
**Akarere:** *Kirehe*
**Umurenge:** *Nyarubuye*
**Akagari:** *Nyarutunga*
**Umudugudu:** *Rutunga*

*Yashakanye na Niyonzima Niseratha, babyaranye abana 6, ariko hariho bane: abahungu babiri n'abakobwa babiri;*

*Babiri barubatse abandi babiri babana na nyina. Babiri bandi bitabye Imana.*

**Ibikorwa byamuranze**

**Rutagayintabaza Leonard yahishe abamuhungiyeho mu gihe cya Jenoside. Yagerageje kubarwanaho mu gihe cy'ibyumweru 2 ariko biranga agambanirwa na murumuna we bamwicana n'abamuhungiyeho bose.**

Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994, yiyemeje kwitandukanya n'ubugome bwo kwica abo bitaga abanzi babo ari bo batutsi. Yiyemeza guhisha abamuhungiyeho mu nzu iwe, abarindira inka mu rugo iwe, mu gihe nta nka yari atunze, akajya aziragira, akazuhira uko yabaga ashoboye kose. Ibyo rero byatumye atotezwa kandi ahigwa kimwe n'abicwaga icyo gihe.

Yagabweho ibitero binyuranye, ariko agerageza kubikoma imbere, biza kugeza ubwo yapfanye n'abantu 10 yari yarahishe iwe. Umukobwa we Murereyimana Christine agira ati: "Bijya gutangira, yari yashoye inka, ari kumwe n'abandi borozi, muri bo hakaba harimo umuvandimwe we batumvikanaga. Uwo muvandimwe we afata inka imwe mu zo Rutagayintabaza yari aragiriye, ayishyira mu ze bwite ngo ayinyage.

Ibyo byabaye impamvu yo gushyamirana bararwana. Abo bari hamwe barababakiza, inka bayisubiza uwari uyiragiye. Murumuna we aramubwira ati nguhaye igihe gito ukibonera icyo nzagukorera". Ntibyatinze, nyuma y'iminsi ibiri, igitero cy'interahamwe n'abajandarume bahurujwe na murumuna we cyaramuteye. Bageze iwe binjira munzu barayisaka, abantu bose bari bahihishe babasohora hanze. Babashorerana na nyir'urugo bajya kubicira hirya gato muri uwo mudugudu, bose hamwe bicwa ari abantu 11.

**Uko abamuzi babona igitekerezo cyamujemo**

Abasanzwe bamuzi bavugako yari asanzwe atagira urwango kuko yabanaga n'abantu bose, adashingiye ku moko yari yaramunze benshi mu Banyarwanda. Yari afite inshuti magara z'Abatutsi, ari na zo atazuyaje kurwanaho mu gihe bari bugarijwe. Ntiyatinye no gupfana n'Abatutsi yari yahishe mu nzu iwe, bishwe n'interahamwe zari zihaye ububasha bwo kwica.

## 19. Padiri MARIO Marie Falconi

**Umwirondoro**



**Yavutse: 1944**

**Se:** *Moïse Falconi*

*Nyina: Rose Vitalli*

*Yavukiye mu Ntara ya Bergamo- Lombardia mu gihugu cy'Ubutaliyani*

**Muri 1994 yari padiri mukuru waParuwasi ya Muhura ihererereye mu:**

**Akarere:** *Gatsibo*

**Umurenge:** *Muhura*

**Akagari:** *Kanyinya*

**Umudugudu:** *Taba*

**Ibikorwa byamuranze**

**Padiri Mario ni padiri w'Umutaliyani warokoye abatutsi barenga ibihumbi 3000 bahungiye kuri Paruwasi ya Muhura. Yanze kubasiga igihe baje kumuhungisha ngo asubire iwabo mu Butaliyani; akomeza kubana na bo, kubatunga no kubaha imyambaro n'ibindi nkenerwa kugeza amahoro agarutse. Yatabaye abana bari mu kigo cy'imfubyi i Muhura bagera kuri 200 mu gihe cya Jenoside. Yahishe abahigwaga mbere ya Jenoside guhera 1990 arabacumbikira cyane cyane abari baravuye muri Komini Murambi**.

Ni Umupadiri w'Umutaliyani wo mu muryango w'Ababarinabite, wageze mu Rwanda mu mwaka wa 1990, nyuma y'imyaka 18 yari amaze mu gihugu cya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo.

Yagize uruhare rukomeye mu kwamagana ubwicanyi bwo muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994. Ibyo yabikoreye i Muhura, ndetse n'abandi bari mu bice bitandukanye by'Igihugu bagiye bamuhungiraho. Yatangiye akangurira abakrisitu kwirinda ivangura rishingiye ku moko mu gihe amashyaka ya politiki menshi ari byo yamamazaga. Yari ashishikajwe no kubona abantu bose bitandukanya n'ikibi ahubwo bakitabira kugira neza. Abo yigishije baranzwe no gushyira hamwe, banga kwitandukanya nk'uko byarangwaga mu duce dukikije Paruwasi Muhura yari abereye umuyobozi.

Bigeze mu kwezi kwa kane muri 1994, Abatutsi bagize ubwoba bw'ibitero bahungira kuri Paruwasi. Padiri Mario yarabakiriye, abacumbikira mu mashuri no mu yandi mazu ya paruwasi. Yabashije kuburizamo ibitero byaturukaga muri Komini baturanye ya Murambi kwa Gatete. Yababwiraga ko adashobora kwemera ko abantu bamuhungiyeho bicwa areba. Byageze n'aho yiyemeza guhangana na bo kuko hari umuntu yambuye umuhoro ashatse kumutema.

Yajyaga mu tundi duce kuzana ababaga bamutabaje ngo abahungishe nk'ahitwa kuri paruwasi ya Ngange mu birometero 10 uvuye i Muhura, ndetse n'ahitwa i Nyagasozi. Aho hose yajyagayo akabazana mu modoka ye yiyemeje guhangana n'interahamwe zahoraga zirekereje mu nzira ngo zimwice. Yanashishikarije abari mu bwihisho kwirwanaho, bagatera byibuze amabuye, kugira ngo batazabica babashinyaguriye.

**Uko igitekerezo cyamujemo**

Padiri Mario Falconi ashimira Imana ko yamufashije guhangana n'abicanyi. Uwo mutima wo gukunda abantu atarobanuye yawukomoye kuri nyina Rose Vitalli kuko na we yarengeye Abayahudi bahigwaga ngo bicwe n'ingabo za Hitileri (Hitler) mu ntamabara II y'isi. Iyo abonye abo yatabaye bakiriho biramunezeza kuruta ibindi bintu byose. Avuga ko atazatezuka ku mugambi wo guharanira ko abantu bose babaho mu rukundo rw'Imana.

## 20. GATOYIRE Damien

**Umwirondoro**



**Yavutse: 1940**
**Se:** *RUKAZANGOGA*
**Nyina:** *GASHIRABAKE*

*Yavukiye mu yahoze ari Komini Rutare (ubu ni Umurenge wa Rutare, mu Karere ka Gicumbi), akaba yarimukiye i Muhura mu mwaka wa 1962.*

**Aho atuye:**
**Akarere:** *Gatsibo*
**Umurenge:** *Gasange*
**Akagari :** *Gasange*
**Umudugudu:** *Buranke*

*Yashakanye na Nyiraromba Julienne, babyaranye abana 12, babiri barapfa,10 bariho, abakobwa 6 n'abahungu 4*

**Ibikorwa byamuranze**

**Mu gihe cya Jenoside Yakorewe Abatutsi, Gatoyire Damien yari Konseye wa Segiteri ya Gasange muri Komini Giti, yagize uruhare rukomeye rwo kubuza abaturage be kwitabira Jenoside yakorewe Abatutsi ahubwo bafatanya kurwanya ibitero by'interahamwe zavaga muri Murambi na Gicumbi. Ibi byatumye muri Segiteri yayoboraga nta Batutsi bahagwa kandi yakomeje kubanisha abaturage mu mahoro.**

Ntiyigeze yiga ariko yabaye umuyobozi mu yahoze ari Komini Giti, guhera mu gihe cy'Ababiligi mbere y'umwaka wa 1959, akomeza ku ngoma ya Kayibanda no ku ya Habyarimana, ndetse no muri Leta y'ubumwe.

Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994, GATOYIRE yari Konseye wa Segiteri ya Gasange muri Komini Giti. Yagize uruhare mu kubuza abaturage yayoboraga kwitabira Jenoside yakorewe Abatutsi ahubwo ababwira gufatanya kurwanya ibitero by'interahamwe zavaga muri Komini Murambi na Gicumbi. Ibi byatumye muri Segiteri yayoboraga nta Batutsi bahagwa kandi yakomeje kubanisha abaturage mu mahoro.

Mu gihe cy'inkubiri y'amashyaka menshi yabanjirije jenoside yakorewe Abatutsi, Gatoyire yasabye abaturage be ko batatandukanywa n'amashyaka ahubwo ko bakomeza kuba umwe bagafatanya n'ubwo baba mu mashyaka atandukanye.

Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi, afatanije n'abaturage barwanyije interahamwe zavaga muri komini Murambi na Gicumbi bakoresheje imiheto, amacumu n'amabuye bityo bashobora kurinda inkike za Segiteri yayoboraga.


Yakuye ubwato bwose bwakoraga mu Kiyaga cya Muhazi, hafi aho kugira ngo interahamwe zitazabwifashisha zikambuka zigatera mu gace yari ayoboye.

**Uko igitekerezo cyamujemo**

Avuga ko mbere y'umwaka wa 1959 yatorewe kuyobora urubyiruko, akoherezwa ku muzungu wari Shefu, maze akamwima uburenganzira kuko yamwitegereje isura, akamubwira ko atari umuhutu, ko agomba kuba ari umututsi. Ngo yaje kubona icyemezo cy'uko yari yatorewe uwo mwanya ari uko barinze kujya kumutangira ubuhamya ko abaturage bamugiriye icyizere. Akagira ati: "Ubonye ngo Abanyarwanda bangirire icyizere, maze abazungu banshidikanyaho, kubera ivangura! Kuva ubwo nanze ivangura iryo ari ryo ryose ndetse niyemeza no kurirwanya. Nahise mbona ko ivanguramoko ryashimangiwe n'abazungu mu Rwanda".

## 21. Padiri MUNYANEZA Jean Bosco (+)

**Umwirondoro**



**Yavutse: 1956**
**Se:** *Murekezi Pierre*
**Nyina:** *Mukandekezi Veridiana*

**Aho yari atuye mu 1994 ari na ho yapfiriye:**
**Akarere:** *Kayonza,*
**Umurenge:** *Mukarange,*
**Akagari:** *Bwiza*
**Umudugudu:** *Bwiza*

*Yabaye Padiri mu 1983*
*Mu 1994 yari umupadiri muri Paruwasi ya Mukarange.*

**Ibikorwa byamuranze**

**Padiri Munyaneza J. Bosco yanze gusiga abari bamuhungiyeho mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi bagera ku bihumbi icumi (10000). Interahamwe zimusabye ko yakwitandukanya na bo, arabyanga avuga ko adashobora kwitandukanya n'intama yaragijwe n'Imana ; ko atagomba kuzivamo ahubwo agomba kuzirinda kugeza igihe azinjirije amahoro mu ijuru. Interahamwe zahise zimwicana na bo.**

Yagaragaje ubutwari bw'indengakamere mbere ndetse no mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994. Mu gihe mu Rwanda harimo umwuka mubi, ivangura rishingiye ku moko yariho muri icyo gihe, Padiri Munyaneza yagiye yitandukanya n'ibitekerezo byo guhembera amakimbirane hagati y'Abahutu n'Abatutsi.
Bigeze mu mwaka wa 1994, yakiriye umubare munini w'Abatutsi bahungiye kuri Paruwasi ya Mukarange, abakorera ibyashobokaga byose, abashakira icyo kurya ndetse no kubafasha guhangana n'interahamwe.

Uwari Burgumesiteri wa Komini Muhazi yaje gusaba Padiri Munyaneza kwirukana Abatutsi bose bahungiye kuri Paruwasi. Yarabyanze amubwira ko adashobora kwirukana abamuhungiyeho kandi nta mahoro araboneka, ahubwo amusaba guhosha urugomo hirya no hino mbere yuko abohereza.

Nk'uko bivugwa na Padiri mukuru wa Paruwasi ya Mukarange Napoléon UWIMANA ndetse bigashimangirwa n'umubyeyi KIBUKAYIRE Annonciata waharokokeye, interahamwe zagabaga ibitero buri munsi, ariko bagasubirayo badashoboye kwica Abatutsi bari bihishe aho kuko igipangu cyari gifunze, kandi abantu bageragezaga kwirwanaho, batera amabuye hanze, maze abicanyi bagatatana, dore ko bazaga ari bake. Nyamara ku itariki ya 12 Mata, ni bwo interahamwe nyinshi n'abasirikare, bateye, baza bavuza induru, bafite intwaro z'ubwoko bwose. Baraje bashaka gukingura urugi rw'igipangu ku ngufu, bahamagara Padiri Bosco ngo asohoke asige abahigwaga, dore ko we bavugaga ko ari umwe na bo ngo akwiye kubasiga akabareka bagapfa kuko ari inzoka.

Ni bwo Padiri Bosco yakinguye umuryango w'igipangu, ahagarara mu marembo, arababwira ati: "niba mushaka kunkiza, nimunkize hamwe n'intama zanye, naho niba mwemeje kubica, mubanze munyice, badapfa mbareba, ahubwo ndapfana na bo". Interahamwe zanze kuva ku izima, zibanza kumukomeretsa. Zamurashe zigira ngo atandukane na bo, akomeza kwanga kubasiga. Zibibonye gutyo, ni we zabanje kwica, zibona kwica Abatutsi bari bahungiye kuri paruwasi ya Mukarange. Muri rusange abari bahungiye aho bageraga ku bihumbi icumi (10.000). Abaturage, ari abaharokokeye ari n'abumvise nyuma ibyahabereye, batangazwa bikomeye n'ibigwi bya Padiri Bosco kandi bagahamya ko ubuhamya bwe bukwiye kwamamara hose, akaba yabera urugero rwiza Abanyarwanda bose, cyane cyane urubyiruko.

**Uko abamuzi babona igitekerezo cyamujemo**

Nk'uko bivugwa na Padiri Uwimana mugenzi we, ngo yari umuntu wacengewe n'iyobokamana kandi akaba yari asanzwe arangwa no kwanga icyabangamira umuntu wese. Yagaragaje kenshi ko akunda amahoro, umunezero usangiwe na bose, ndetse akamagana umuntu wese wabaga ashaka kumushora mu bikorwa n'imyitwarire idahwitse. Mu buzima bwe, yakomeje kugaragaza ko adashyigikiye ibitekerezo by'ivangura ryari rishingiye ku moko byarangaga Abanyarwanda benshi mu gihe cy'amashyaka menshi guhera mu mwaka wa 1991 kugeza mu wa 1994 ubwo Jenoside yakorewe Abatutsi yabaga.

## 22. MUDENGE Boniface

**Umwirondoro**



**Yavutse: 1965**

**Se:** *KANABURENGE Thomas*

**Nyina:** *NYIRAMBABAZI Athalie*

**Aho atuye ari na ho yavukiye:**

**Akarere:** *Rubavu*

**Umurenge:** *Bugeshi*

**Akagari:** *Mutovu*

**Umudugudu:** *Bugeshi*

*Abana n'umugore we n'abana umunani, abahungu batanu n'abakobwa 3.*

**Ibikorwa byamuranze**

**Mudenge yamenyekanye mu bikorwa byo kunga imiryango y'abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994 n'iy'abayigizemo uruhare. Yagize kandi uruhare mu rugamba rwo kurwanya abacengezi bateraga u Rwanda baturutse muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo mu mwaka wa 1997 na 1998.**

Mudenge avuga ko we n'umuryango we batangiye gutotezwa kuva mu mwaka wa 1990 kugeza mu wa 1992. Yaje gufatwa nk'icyitso kubera ko yakundaga kwitabira inama zijyanye n'itorero ry'Abadivantisiti i Kigali. Muri iryo totezwa rero bageze n'aho bamuhiga bashaka kumwica, nuko bamwe mu bari inshuti ze baramuhisha. Nyuma byaje gukomeza kugenda nabi, biba ngombwa ko ahungira hakurya mu gihugu cy'abatuturanyi cya Repubulika Iharanira Demokarsi ya Kongo. Umubano mwiza yagirananaga n'abandi wagaragaye ubwo abaturanyi be b'Abahutu bari mu Rwanda bihishaga bakamushyira ibyo kurya we n'umuryango we ari na ko babambukiriza amatungo. Jenoside rero imaze guhagarikwa n'ingabo za FPR, Mudenge yagarutse mu Rwanda aba na konseye.

**Uko igitekerezo cyamujemo**

Mudenge Boniface yavukiye mu Murenge wa Bugeshi akaba ari na ho yabaga mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994. Yarerewe mu muryango utararangwaga n'amacakubiri kuko Se yari afite inkoramutima z'Abahutu n'Abatutsi mbere ya Jenoside basangiraga akabisi n'agahiye. Ibyo rero Mudenge akaba yaragiye abikuriramo bikamutera gukunda abantu bose, atagendeye ku bwoko runaka. Yaje kwakira ubutumwa bwiza bwa gikristu, abatizwa mu itorero ry'Abadivantisiti b'umunsi wa karindwi. Avuga ko ibyo ari byo byamufashije kugira umutima wo kwitangira abandi.

## 23. NTAWURUHUNGA Jean Baptiste(+)

**Umwirondoro**

**Yavutse: 15/12/1964**
**Se:** *NGIRABAKUNZI*
**Nyina:** *NKURINZIRA*

**Aho yavukiye ari na ho yapfiriye muri Jenoside yakorewe Abatutsi :**
**Akarere:** *Rubavu*
**Umurenge:** *Rugerero*
**Akagari:** *Kabirizi*
**Umudugudu:** *Nyamwiri*

*Umugore we yari yaratabarutse mu 1986, babyaye abana 7; abahungu 2 abakobwa batanu. Umwana umwe yapfuye mbere ya jenoside.hariho batandatu*

**Ibikorwa byamuranze**

**Ntawuruhunga yatabaye Abatutsi bari batangiye kwicwa muri Jenoside yo muri 1994. Yabahaye ubuhungiro. Arabarinda kugeza ubwo interahamwe zaje ari nyinshi zibatera gerenade mu nzu iwe aho bari bikingiranye, zirabakomeretsa, zimena urugi, zinjira mu nzu, ziramufata ziramwica zibona kwica Abatutsi.**

Ibikorwa by'indashyikirwa yabikoze mu gihe cya Jenoside. Yahishe abahigwaga mu rugo rwe kugeza ubwo ahasize ubuzima, yicanywe na bo. Interahamwe zateye mu rugo rwe, zimusaba gusohoka mu nzu iwe no kwitandukanya n'Abatutsi bahahungiye.Yarabyanze, ako kanya ibitero bitangira guhondagura urugi, banarutema n'imihoro. Ubwo ni na ko bateraga za gerenade mu nzu bazicishije mu madirishya bari bamaze kumena. Urugi rwageze aho rurakinguka, nyuma yo kurumena, maze bafata Ntawuruhunga bahita bamwica.

Abicanyi binjiye mu byumba by'inzu byose, barabisaka,basohora abahahungiye bose batangira kubica.

### Uko abamuzi babona igitekerezo cyamujemo

Abazi Ntawuruhunga bahamya ko yari umusaza w'inyangamugayo, yari asanzwe abanye neza n'abaturanyi be. Ntiyarangwaga n'ivangura iryo ari ryo ryose. Yakundaga kunga abantu babaga bahemukiranye, kandi agatanga inama zigamije gufasha abantu kubana mu mahoro. Ni yo mpamvu Jenoside itangiye abenshi bamuhungiyeho kandi na we akabakira akabarwanaho uko ashoboye.

## 24. KARAMAGA Thaddée

**Umwirondoro**



**Yavutse: 1955**
**Se:** *RUGEROCYANE Fabien*
**Nyina:** *MUKAMAZERA Judith*

**Aho atuye ari na ho yavukiye:**
**Akarere:** *Burera*
**Umurenge:** *Kinoni*
**Akagari:** *Nkumba*
**Umudugudu:** *Kabuguma*

*Yashakanye na Mukasano Drocella akaba afite abana batanu abahungu 2 n'abakobwa 3, bose babana na we, ni we ubatunze*

**Ibikorwa byamuranze**

**Yari umusirikare mu kigo cya Kanombe afite ipeti rya Kaporari. Yarokoye abana 2 yasanze mu mirambo y'abiciwe ku mpande z'urugo rwa Habyarimana Juvenal indege ye ikimara kuraswa. Yahishe Umurambo w'Uwiringiyimana Agathe amaze gutegekwa kuwuhamba vuba kandi adashyizeho umusaraba. Mbere yo kuva mu kigo cya Kanombe, isanduku yari yashyizemo umurambo w'Uwiringiyimana Agathe yayanditseho amagambo akurikira: Premier Ministre Uwiringiyimana Agathe. Yahishe abana 5 b'umuturanyi we akajya abagemurira ibyo akuye mu gisirikari. Yahunganye abana bahigwaga 17 muri Kongo, abarwanaho abatahukana bose. Yafatanyije n'ingabo z'Igihugu kurwanya abacengezi.**

KARAMAGA Thaddée wari mu ngabo z'u Rwanda mu gihe cya Jenoside, yari ashinzwe uburuhukiro bw'ibitaro bya gisirikari by'i Kanombe, ari na ho yakoreye ibikorwa byamugize Umurinzi w'Igihango. Ibikorwa bye birimo kuba yarakoze uko ashoboye kugira ngo umurambo w'uwahoze ari minisitiri w'intebe Madamu Agatha UWIRINGIYIMA umenyekane kandi uhambwe mu cyubahiro. Yafashije abana b'Abatutsi bagera kuri 17 mu gihe cyaJenoside, abahungana mu gihugu cyahoze ari Zaire, arabarinda kugeza abagaruye mu Rwanda. Mu mayira, abicanyi bagiye bashaka kumwambura abo bana akabinginga, ubundi agatanga amafranga kugeza abarokoye.

**Uko igitekerezo cyamujemo**

Karamaga avuga ko akiri muto hari umukecuru bari baturanye wamukundaga cyane kandi bavuga ko ari umututsi. Umuryango we wabanaga n'abantu bose utagira amacakubiri ashingiye ku moko.Yamenye ibibazo byihariye by'Abatutsi abonye batotezwa mu gihe cy'ibyitso hagati ya 1990 na 1993. Agira ati : « Nakuze nanga ivangura, ndetse naje gusanga narakundanye n'umukobwa w'umututsikazi, kandi twarabibuzwaga mu kazi nakoraga ka gisirikari, ariko ndanga ndamurongora ».

## 25. HABUMUGISHA Aaron

**Umwirondoro**



**Yavutse : 1976**

**Se:** *NDEKEZI Petero*
**Nyina:** *NYIRABUNYENZI Belia*

*Yashakanye na Mukamwiza Patricie mu 2002. Babyaranye abana 3 b'abakobwa.*

**Aho yavukiye ari na ho atuye:**
**Akarere:** *Gakenke*
**Umurenge:** *Ruli*
**Akagari:** *Busoro*
**Umudugudu:** *Kibirizi*

**Ibikorwa byamuranze**

**Habumugisha Aaron yitandukanije n'ibikorwa bya Jenoside yakorerwaga Abatutsi mu 1994 afite imyaka 18 bituma abihishe muri serire yari atuyemo barokoka kandi akomeje gufatanya n'abaturage kwikemurira ibibazo by'imibereho n'imibanire abicishije mu mashyirahamwe.**

Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi yari umusore ufite imyaka 18, yari Umunyamabanga wa Serire Kibirizi 1993-1996. Yari akunzwe mu murenge (Nkara), akaba n'umukinnyi w'umupira w'amaguru wasabanaga n'urubyiruko cyane. Yaharaniye ko nta gitero cyinjira muri Serire ku buryo Abatutsi bayihishemo bose barokotse. Ibanga yakoresheje ryari ugukangurira abaturage ba serire kutitabira ubwicanyi, guhisha bagenzi babo no gutara amakuru ku bitero byaturukaga ahandi akaburira abahigwaga n'abaturage muri rusange.

Yashinze club ihuza abacite ku icumu (4) n'abataracitse ku icumu (16) yitwa "MFITURUHARE" ifite intego yo gukangurira abarigize n'abandi baturage gufatanya mu kwikemurira ibibazo, guhuza abacitse ku icumu n'ababasahuye no gutanga amakuru ku basahuye no kwishyura imitungo yasahuwe. By'umwihariko, mu gihe cya Gacaca yagiye yigisha abaturage kwirega bakemera ibyaha bakanabisabira imbabazi. Aho

gahunda yo kubakira abacitse ku icumu rya Jenoside yatangiriye, akaba yaragiye aranga ubutaka bwakubakwaho amazu y'abacitse ku icumu rya Jenoside.

Ibi byakuyeho urwikekwe n'ubwoba byari hagati yabo biteza imbere ubumwe n'ubwiyunge. Yifashisha club z'abana bagera kuri 20 bakora ibihangano bivuga ku bibazo byo mu ngo bigatuma abafite ibibazo bikosora. Ingo zafashijwe gukemura ibibazo byazo na zo zifasha izindi.

**Uko igitekerezo cyamujemo**

Habumugisha avuga ko ikimutera imbaraga ndetse n'ishyaka muri ibi bikorwa bye ari uko yakuze yanga amakimbirane ayo ari yo yose, akaba yararezwe n'ababyeyi batarangwa n'ivangura, ahubwo bakunda abantu bose nk'abavandimwe. Ikigeretse kuri ibyo, yemera Imana akaba avuga ko ibikorwa byiza yakoze ari impano y'Imana kandi biramunezeza.

## 26. BARANGWANZARE ELIEZEL (+)

**Umwirondoro**

**Yavutse: 1948**
**Se:** *Rudahunga*
**Nyina:** *Nyirampuhwe*

**Aho yari atuye ari na ho yavukiye:**
**Akarere:** *Gakenke*
**Umurenge:** *Muyongwe*
**Akagari:** *Nganzo*
**Umudugudu:** *Vuga-ngoma*
*Uwmukecuru bashakanye ariho, babyaranye abana batatu abahungu babiri n'umukobwa umwe bose bariho.*
*Babiri barashatse, abana n'umuto w'umuhungu.*

**Ibikorwa byamuranze**

**Barangwanzare Eliezel yari umuyoboke wa MRND wanze kwiga imbunda ari responsible wa serile Vugangoma. Yarwanye ku bana 2 bahungiye muri serile ye bakurikiwe n'igitero kivuye muri serile Kabingo. Yakanguriye abaturage be kutitabira ibikorwa by'ubwicanyi muri Jenoside. Yabaye konseye wa segiteri Ngazo mu 1995 arwanya abacengezi anabishishikariza abaturage yayoboraga. Yaje kwicwa n'abacengezi urw'agashinyaguro.**

Yakoze ibikorwa by'ubutabazi byo kurengera Abatutsi bahigwaga muri Jenoside yo muri 1994. Muri icyo gihe kandi yakoresheje inama nyinshi zo kubuza abaturage yari ayoboye kwishora muri Jenoside.


Yaje kuba konseye wa segiteri Nganzo mu mwaka wa 1995, akomeza kuyobora neza, kugeza ahawe n'ishimwe ryo guhagararira abakonseye bose bo mu Karere ka Rushashi, mbere y'uko gahuzwa n'ibindi bice bigize Akarere ka Gakenke y'ubu. Mu mwaka wa 1998, ni bwo Barangwanzare Eliezel yishwe n'abacengezi urupfu rw'agashinyaguro.

**Uko abamuzi babona igitekerezo cyamujemo**

Abamuzi bahamya ko Barangwanzare Eliezel yari asanzwe yanga akarengane, ivangura n'ibindi bibi byinshi byariho mu myaka yabanjirije Jenoside. N'ubwo yari umurwanashyaka wa MRND, yari umuntu ukunda Igihugu, agashyira mu gaciro kandi agakunda buri wese atavanguye. Barangwanzare yari umuntu wahaga agaciro ubuzima kandi no mu mivugire ye, yarangwaga no kwamagana ibikorwa by'ubugizi bwa nabi bwose.

## 27. Mgr NZAKAMWITA Servilien

**Umwirondoro**



**Yavutse: 1943**
**Nyina:** *Kanakuze Dancilla*
**Se:** *Karenzi Petero*
**Aho abarizwa:**
**Akarere:** *Gicumbi*
**Umurenge:** *Byumba*
**Akagari:** *-*
**Umudugudu:** *Nyiragasuruba*
**Aho yavukiye:**
**Akarere:** *Nyagatare*
**Umrenge:** *Kiyombe*
**Akagari:** *Kagorogoro*
**Umudugudu:** *Gatsirima*

*Igihe cya Jenoside yakoreraga ubutumwa mu iseminari ntoya ya Rutongo,*

*Yabaye Musenyeri wa Diyosezi ya Byumba mu 1996 aho yatangirye ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge.*

**Ibikorwa byamuranze**

**Nyuma yo kwicirwa umuryango muri Jenoside yakorewe Abatutsi, Musenyeri Nzakamwita yagize uruhare mu kubakira amacumbi Abanyarwanda batari bafite amacumbi batahutse bava muri Uganda, Tanzaniya n'abari bahasanzwe kandi harimo n'abamwiciye. Bityo, aboneraho kubigisha agaciro k'ubumwe n'ubwiyunge.**

Musenyeri agira ibikorwa bihuriza hamwe abana, ababyeyi babo n'urubyiruko bagakangurirwa gahunda z'ubumwe n'ubwiyunge. Yabaye uwa mbere watangije gahunda yo gusura abagororwa mu magereza abashishikariza gusaba imbabazi no kwihana. Mu bihe by'abacengezi mu Turere twa Rulindo na Burera, yashatse inkunga zitabara abaturage. Kubera kugira uruhare mu bumwe n'ubwiyunge, yahawe igihembo na NURC muri 2006 kandi yabaye Musenyeri wa mbere wayoboye Komisiyo y'ubutabera n'amahoro ya Kiriziya Gatorika mu Rwanda nk'umuntu urangwa n'ibikorwa byimakaza amahoro. Yakomeje guteza imbere gahunda ya Ndi Umunyarwanda.

Yahuje urubyiruko rwo muri Kiyombe atavanguye rukangurirwa ubutumwa bwo kwiyunga no gufatanya kugira ngo bikure mu bibazo byari bibugarije by'imibanire itari myiza no kwishishanya. Urubyiruko rwashyize hamwe

imbaraga, rwubakirana amacumbi, rukomeza no guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge ku buryo byageze no mu babyeyi babo.

**Uko igitekerezo cyamujemo**

Musenyeri Nzakamwita avuga ko ibyo akora bishingiye ku muhamagaro w'ubushumba nk'uko yabisezeranye yiyemeza gukora izi nshingano. Ngo ahora yiyumvamo ko agomba guharanira ko abantu babaho neza mu myemerere ndetse no mu by'ubuzima busanzwe. Yagize ati: "Narabyiyemeje kandi numva ari ideni ngomba kwishyura, mu byo nkora byose n'aho nzaba ndi hose".

## 28. UWAMAHORO Grâce

**Umwirondoro**



*Ntiyigeze amenya amazina y'abayeyi be bwite kuko yamenye ubwenge arerwa na nyirakuru na sekuru, akaba ari bo azi nk'ababyeyi be.*

**Sekuru:** *Murekezi Jean Marie Vianney*
**Nyirakuru:** *Kampile Leocadia*
**Aho atuye:**
**Akarere:** *Nyarugenge*
**Umurenge:** *Nyamirambo*
**Akagari:** *Kiberinka*
**Umudugudu:** *Rugarama*

*Ubu arubatse afite, umugabo n'abana babiri n'uwo wa gatatu yatabaye ari uruhinja muri Jenoside akaba akimurera kugeza ubu.*

**Ibikorwa byamuranze**

**Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi ari mu kigero cy'imyaka 11 y'amavuko, yahunganye umwana w'uruhinja yasanze rwonka nyina wari intere amaze gutemagurwa. Yakomeje kumwitaho uko abishoboye n'ubwo yatotezwaga kubera we. Ubu uwo mwana yarakuze, yiga muri kaminuza.**

Mu gihe bari mu nzira bahunga we n'ababyeyi be, yabonye umubyeyi watemaguwe amurembuza, amwegereye asanga afite akana gatoya kariho konka amaraso, ni bwo uwo mubyeyi yasabye Grâce kukamufatira aho azagwa kakagwaho. Grâce yaragatwaye, ariko abo mu muryango we ntibabyishimira ndetse akanatotezwa bamubaza aho ajyana iyo nyenzi. Yaramuhunganye kugera mu cyahoze ari Zaire ubu ni Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo. Igihe cyo guhunguka kigeze, yaramuzanye ariko akomeza gutotezwa, ari na ko yari mu buzima butoroshye bw'ubukene.

Yaje guhitamo gucuruza agataro kugira ngo abone ibitunga n'ibyigisha uwo mwana. Uwo mwana yarakuze ariga, agera mu mashuri yisumbuye na kaminuza kandi mu biruhuko ataha kwa Grâce.

**Uko igitekerezo cyamujemo**

Uwamahoro yabonye uwo mwana ari nk'igisubizo Imana imuhaye ku kibazo yari asanganywe. Yakuze aba mu bwigunge kuko atagiraga umuvandimwe bavukana.Yibazaga ukuntu azabaho wenyine igihe cyose atagira umuvandimwe. Akibona ako kana, yahise atekereza ko Imana imuhaye igisubizo cy'ikibazo cye. Agira ati: "Namufashe mbyishimiye, n'ubwo nari nzi ko bitazangwa neza. Nakomeje kurwana kuri uyu mwana kubera ko numvaga ari impano y'Imana."

## 29. MUTEZINTARE GISIMBA Damas

**Umwirondoro**



**Yavutse:1961**
**Se:** *Gisimba Pierre Chrisologue*
**Nyina:** *Mukamanzi Dancille*

**Aho yavukiye:**
*Goma, mu Ntara ya Kivu y'Amajyaruguru (Kongo)*

**Aho atuye:**
**Akarere:** *Nyarugenge*
**Umurenge:** *Rwezamenyo*
**Akagari:** *Kabuguru II*
**Umudugudu:** *Buhoro*

*Arubatse afite umugore n'abana bane, abahungu batatu n'umukobwa umwe.*

**Ibikorwa byamuranze**

**Muri Jenoside yakorewe Abatutsi, abantu bahungiye kwa Gisimba yabahishe mu mfubyi zari zihari. Byageze ubwo bashaka kumwicisha bavuga ko abitse inyenzi, ariko agenda arusimbuka. Mu kigo cye harokokeye abasaga 400. Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi yakomeje kwakira imfubyi, kuzirihira amashuri ndetse n'ubu bamwe yarabashyingiye, barasurana, ni we wakomeje kubabera umubyeyi n'iyo babyaye arabahemba.**

Mutezintare Gisimba Damas yaranzwe n'ibikorwa by'ubwitange mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994. Yari asanzwe arera abana bahuye n'ibibazo bitandukanye mu kigo cy'impfubyi cyamwitiriwe "Centre Gisimba". Ariko kuko yahigwaga muri icyo gihe, n'abantu bari bahungiye mu kigo cye, byamusabye gushaka ubuhungiro bwabo bose, kandi yabigezeho.

Icyo kigo cyaje kujya kigabwaho ibitero byinshi n'interahamwe, nuko Gisimba Damas akagenda abyitambika imbere uko ashoboye, atanga amafranga rimwe na rimwe. Ibitero by'interahamwe bimaze kuba byinshi baje kwimurirwa kuri Saint Michel, batabarijwe na Gisimba wabonaga ko bimaze kurenga ubushobozi bwe. Babohereje bus zirabimura. Bose hamwe bageraga kuri 405.

**Uko igitekerezo cyamujemo**

Gisimba Mutezintare yakomoye umutima wo kwitangira abandi kuri sekuru kuko na we yakiraga abana mu nzara yitwaga RUZAGAYURA mu cyahoze ari Butare ndetse no kuri se utaragiraga uwo aheza, akaba yarareze abana benshi bari bafite ibibazo bitandukanye. Yakuriye mu muryango urangwa n'urukundo rudashingiye ku bwoko. Bityo rero, akaba yarakuranye ubwo burere yahawe n'ababyeyi bwo kumva ko Abanyarwanda twese dusangiye Ubunyarwanda kandi ko agomba kubakunda kimwe.

## 30. MUKANKAKA Rose

**Umwirondoro**



**Yavutse: 1950**

**Se :** *Rwasiba Oscar*
**Nyina :** *Kamunazi Priscille*

**Aho yavukiye**
**Akarere:** *Karongi*
**Umurenge:** *Murambi*

**Ubu ni umukuru wa Association "MWANA UKUNDWA".**

**Aho atuye :**
**Akarere:** *Kicukiro,*
**Umurenge:** *Kigarama,*
**Akagari:** *Bwerankori,*
**Umudugudu:** *Nyenyeri*
*Yashakanye na Gakwandi Pierre babyaranye abana barindwi abahungu bane n'abakobwa batatu.*
*umugabo we yapfuye nyuma ya Jenoside.*

**Ibikorwa byamuranze**

**Muri 1994, MUKANKAKA Rose yashinze ASSOCIATION MWANA UKUNDWA (AMU) igamije gushyira hamwe no gufasha abana b'imfubyi bari bafite ibikomere binyuranye n'ihungabana bari ku mihanda nyuma ya Jenoside. AMU yaragutse ubu ikorera mu uturere 5 ari two Huye, Karongi, Kicukiro, Gisagara na Kayonza.**

Muri 1994, Mukankaka Rose yapfushije umuryango yavukagamo wose wari utuye i Karongi. We yari yubatse, umugabo we ari Umupasiteri ku Karubanda mu mujyi wa Butare.

Ingabo za FPR zimaze guhagarika Jenoside, amaze kubona abana b'impfubyi buzuye imihanda ni bwo yagize igitekerezo cyo kugira icyo akora ngo abatabare. Yatangiye yakira abana iwe mu rugo, ageze aho ashinga umuryango witwa ASSOCIATION MWANA UKUNDWA. Yagiye abona inkunga ziturutse ku buyobozi bw'Akarere ka Huye ndetse n'iz'abandi baterankunga banyuranye, ndetse haziramo na gahunda yo kubafasha kwiga. Abo Mukankaka Rose yafashije bose bavuga ko kumushyira mu rwego rw'Abarinzi b'Igihango ku rwego rw'Igihugu, byabongereye ibyishimo, bibatera n'ishyaka, binatuma bumva ko bagiye kongera imbaraga mu mikorere yabo.

**Uko igitekerezo cyamujemo**

Amaze kurokoka Jenoside yumvise ko agomba kugira icyo akora kugira ngo arengere abahungabanijwe na Jenoside. Jenoside irangiye, yahagaritse akazi yakoraga muri ARBEF, atangira kwegeranya abana hirya no hino, abashyira mu nzu ye, abandi abashakira imiryango ibakira akoresheje ubushobozi bwe bwari buke cyane muri ibyo bihe. Igikorwa yagitangiriye mu cyahoze ari Butare afasha abana b'impfubyi za Jenoside n'abana basizwe n'ababyeyi bahunze u Rwanda. Ni bwo yashinze umuryango wiswe « Association Mwana Ukundwa ».

## 31. MUREBWAYIRE Joséphine

**Umwirondoro**



**Yavutse: 1954**

**Se:** *Mutabaruka Tharcisse*
**Nyina:** *Busane Thérèse*

**Aho yavukiye**
**Akarere:** *Kamonyi*
**Umurenge:** *Mugina*

*Yashakanye na Nkundabarashi Didace mu 1974. Babyarana abana 6. Abahungu 3 n'abakobwa 3.Umugabo we n'abana be barishwe muri jenoside asigara wenyine.*

**Aho atuye:**
**Akarere:** *Gasabo*
**Umurenge:** *Kimironko*
**Akagari:** *Nyagatovu*
**Umudugudu :** *Itetero*

**Ibikorwa byamuranze**

**Muri Mata 1994, Murebwayire Josephine yiciwe umugabo n'abana 6 nawe bamusiga bazi ko yapfuye. Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi ntiyaheranywe n'ibyamubayeho, ahubwo yagerageje kwiyubaka anafasha abandi bahuye n'akaga nk'ake kwiyubaka no kudaheranwa n'agahinda.**

Murebwayire Joséphine yabuze umuryango we wose muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994. Kuba Jenoside yaramugize inshike, ntibyamuciye intege ngo aheranwe n'agahinda, ahubwo yiyemeje kubaho no gufasha bagenzi be kuzanzamuka.Yiyemeje kwita by'umwihariko ku bana babuze ababyeyi.

Amaze guhabwa amahugurwa y'isanamitima n'umuryango wa AVEGA-AGAHOZO, yahumurije abantu bakuru benshi bari barihebye kubera ibikomere basigiwe na Jenoside. Yafashije abantu benshi gukemura amakimbirane mu miryango inyuranye. Ubu ni umujyanama w'ihungabana mu miryango nka ARCT-RUHUKA ndetse na AVEGA-AGAHOZO. Agira ati: "Byaranshimishije kubona hari abantu bagiye baha agaciro inama nagiye mbagira, ubu bakaba babanye neza, bafite amahoro kandi bamfasha gutanga inama kuri bagenzi babo".

**Uko igitekerezo cyamujemo**

Ibyo yakoze mbere na mbere abikesha umuco wo kwihangana no guharanira icyagirira abandi akamaro. Agira ati: "Ikintu gikomeye cyane cyanshimishije ni uko ibyambayeho bitakomeje kumbera umutwaro ahubwo nabyigiyeho gufasha abandi kugira imibereho myiza, mbaba hafi kandi mbagira inama zikwiye".

## 32. MUNYAKAZI Ramadhan (+)

**Umwirondoro**

**Yavutse: 1952**
**Se:** *Kamonyo*
**Nyina:** *Mukamurefu Elvanie*
*Aho yavukiye ari na ho*

**umugore we utuye :**
**Akarere :** *Gasabo*
**Umurenge :** *Gikomero*
**Akagari :** *Kibara*
**Umudugudu :** *Nombe*

*Yitabye Imana muri Jenoside,asiga umugore n'umwana umwe w'umuhungu, bo bariho.*

**Ibikorwa byamuranze**

**Munyakazi Ramadhan yambukije Abatutsi bahigwaga, abajyana hakurya ya Muhazi mu cyahoze ari Komini Giti, agakurikirana n'ubuzima bwabo kugeza ubwo interahamwe zibimuzijije. Yishwe ubwo yari avuye kwambutsa ikindi cyiciro aje gufata abandi nyuma yo kugambanirwa na murumuna we wari interahamwe.**

Munyakazi Ramadhan yarengeye Abatutsi bahigwaga ahitwaga muri Komini Gikomero, akabaherekeza, akabafasha kwambuka Ikiyaga cya Muhazi, bagahungira muri Komini Giti, ahatarigeze haba ibikorwa byo kwicaAbatutsi.

Ibyo bikorwa byo kwambutsa Abatutsi yabitangiye rwihishwa.Ariko amakuru yaje kumenyekana ko ahungisha Abatutsi. Nawe abimenye arahunga n'umuryango we. Ageze muri Giti, ahasanga inshuti ye iramwinginga ngo amuherekeze bagaruke kuzana abana be bari basigaye bihishe ku muturanyi. Icyo gihe abicanyi bari bakajije umurego bakora ubugenzuzi bukaze ku inkombe z'ikiyaga ku manywa na nijoro. Barambutse ariko bamaze kubageraho abicanyi barababona barabica bose.

### Uko abamuzi babona igitekerezo cyamujemo

Abamuzi bavuga ko Munyakazi Ramadhan atigeze ashyigikira itotezwa ryakorerwaga Abatutsi mu mateka y'u Rwanda. Ntibyari ubwa mbere arengera Abatutsi mu gihe cyose bicwaga. Kandi ntiyatinyaga kwamaganira kure imyitwarire y'ubugome. Yashimangiraga ko umuntu ari inzira karengane.

## 33. RENZAHO Sostène (+)

**Umwirondoro**

**Yavutse: 1960**
**Se:** *Rukizangabo John*
**Nyina:** *Nyirabwire Anastasie*

**Aho yavukiye:**
**Akarere:** *Gatsibo*
**Umurenge:** *Muhura*
**Akagari**: *Mamfu*
**Umudugudu:** *Kaziga*

*Yashakanye na Mukakalisa Clotilde mu 1993. Yicanywe n'Umugore we atwite inda ya mbere muri Jenoside.*

**Aho yari atuye mu gihe cya Jenoside yazize:**
**Akarere:** *Gasabo*
**Umurenge:** *Rusororo*
**Akagari:** *Ruhanga*
**Umudugudu:** *Nyagacyamu*

**Ibikorwa byamuranze**

**Pasteri Renzaho yanze kuvangura abakrisitu b'abahutu n'abatutsi mu urusengero ngo babone uko bica abahigwaga nkuko interahamwe zabimusabaga mu gihe cya Jenoside. Hanyuma interahamwe zimwica urubozo. Mbere yo guterwa n'igitero cy'interahamwe Musenyeri yari yamwohererereje imodoka inshuro 2 ngo ahunge n'umuryango we ariko arabyanga avuga ko atasiga intama yaragijwe n'Imana.**

Pasiteri Renzaho Sostene yari Umushumba (Pasteur) w'Itorero rya Anglican, usanzwe azwi nk'umuntu w'inyangamugayo na mbere ya JenosideYakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994. Mbere ya jenoside yoherejwe gushyigikira umurimo w'ivugabutumwa i Ruhanga kubera amakimbirane yari ahari.

Ahageze yagerageje kwegera abakirisito, ashobora guhosha amakimbirane bari bafite. Yasuraga abakirisito bose atarobanura, ku buryo Jenoside yabaye nta dutsiko tukirangwa hagati y'abakirisito.

Jenoside itangiye, Abahutu n'Abatutsi bahungiye kuri paruwasi ya Ruhanga. Interahamwe zasabye Pasitoro Sostene kuvangura abakirisitu b'Abatutsi mu rusengero ngo babone uko babica arabyanga. Hanyuma interahamwe zimwica urubozo zigenda zimutemaguraho ibice by'umubiri kugeza ubwo yapfuye.


Kuri Paruwasi ya Ruhanga haguye abantu bagera ku 15,000. Bishe n'umugore wari utwite inda ya mbere bamusanze mu rugo hamwe n'abandi bantu bari bahahungiye.

**Uko abamuzi babona igitekerezo cyamujemo**

Abamuzi bavuga ko Pasiteri Renzaho Sostène yari asanzwe arangwa n'urukundo rudasanzwe. No mu bihe byabanjirije gato Jenoside, yoherejwe muri iyi paruwasi yarangwagamo ikibazo cy'amakimbirane. Kandi koko amaze kuhagera, yagize uruhare rukomeye mu guhosha umwuka mubi waharangwaga. Yari umuntuwigishaga inyigisho zigamije guhuriza hamwe Abanyarwanda mu gihe mu gihugu harangwaga umwuka w'ivangura n'amacakubiri ashingiye ku moko.

## 34. Padiri MARIUS Dion Gille

**Umwirondoro**



**Aho atuye**

**Akarere: Gasabo**

**Umurenge:** *Kacyiru*

**Akagari:** *Kamatamu.*

*Ni umupadiri wo mu muryango w'abadominikani,*

*ukorera ubutumwa muri paroisse ya Kacyiru, chapelle ya Mutagatifu Dominiko.*

**Ibikorwa byamuranze**

**Yahishe abantu mu gihe cya Jenoside Yakorewe Abatutsi akabagaburira, akanabavuza. Yahoraga ahanganye n'Interahamwe zashakaga kwinjira mu kigo akazemeza ko nta bantu bahari, ubundi akaziha amafaranga zikagenda. Ubwo ingabo za RPA zafataga Kacyiru, zasanzeyo abantu basaga 30. Ku itariki ya 11/04/1994, ni bwo ingabo za RPA zabakuye mu kigo zibajyana mu bitaro by'Umwami Faysal. Nyuma yakomeje gufasha abakene n'imfubyi, abagoboka mu byo kurya n'imyambaro.**

Padiri MARIUS Dion Gille ni umupadiri uba kuri Chapelle yitiriwe Mutagatifu Dominique, hafi ya Paruwasi ya Kacyiru. Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994, yahishe Abatutsi bamuhungiyeho muri Chapelle. Icyo gihe yakoze uko ashoboye, akabagaburira, akanabavuza. Yanze gusiga Abanyarwanda bari mu kaga mu gihe abandi banyamahanga basubiraga mu bihugu byabo, bahunga ubwicanyi bwari mu Rwanda.

Yahoraga ahanganye n'ibitero by'interahamwe zashakaga kwinjira mu kigo, akaburana, akazemeza ko nta batutsi bahari. Hari igihe ariko zamujujubyaga akaziha amafaranga zikagenda. Ubwo ingabo za RPA zafataga Kacyiru, zahasanze abantu bagera kuri 30 bahungiyeyo, zirabarokora. Ku itariki ya 11/04/1994, ni bwo ingabo za RPA zamusabye kuhabakura ngo zibajyane mu bitaro by'Umwami Faysal, na we yarabyemeye. Nyuma yakomeje gufasha abakene n'imfubyi, abagoboka mu byo kurya n'imyambaro.

**Uko igitekerezo cyamujemo**

Nk'Uwihaye Imana, yaranzwe no kubaha indangagaciro z'iyobokamana zishingiye ku rukundo rwa kivandimwe, ruzira ivangura. Ni byo byatumye agaragaza umutima w'ubunyangamugayo mu bihe bikomeye byasabaga ubutwari budasanzwe. Guhangana n'abicanyi mu gihe cya Jenoside byasaga no kwiyahura. Ariko we yiyemeje kubahagarara imbere no kubabuza kwica abo bazizaga ko bavutse ari Abatutsi.

## UMUSOZO

Abarinzi b'Igihango bakiriho bakorana hafi n'abaturage ndetse n'inzego zinyuranye zirimo n'iz'ubuyobozi. Imibereho yabo ishishikaje buri wese kuko hari benshi bahura na bo, babasaba ibiganiro cyangwa ubuhamya cyane cyane mu gihe cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi.

Imibereho yabo ubwabo cyangwa iy'abana babo kubitabye Imana, ihabwa agaciro n'Abanyarwanda bose yitaweho n'ababakenera bose.

Abarinzi b'Igihango bakwiye kuba abantu bazwi kandi bakomeza kwegera abaturage muri gahunda zitandukanye, bagakomeza gufatanya n'abaturage batanga ubuhamya ku bikorwa by'indashyikirwa bakoze kuko byubaka ubumwe bw'Abanyarwanda, kandi bikagaragaza indangagaciro z'umuco nyarwanda na kirazira.

## VI. UMUSANZU W'ABARINZI B'IGIHANGO MU KUBAKA UBUMWE N'UBWIYUNGE

Umusanzu ukomeye Abarinzi b'Igihango batanga mu kubaka ubumwe n'Abanyarwanda ni uko barwanyije amacakubiri bashyira imbere Ubunyarwanda. Ari abishwe n'abagizi ba nabi, ari abarokotse, bose inyigisho batangaga ni imwe : Urwanda rwubatswe n'igihango cy'ubumwe nta wuzashobora gukuraho iryo hame kuko hari abashobora gutanga ubuzima bwabo kugira ngo iryo hame rihoreho.

Abarinzi b'Igihango berekanye ko amacakubiri n'inzangano byaranze Abanyarwanda bigenda bishira. Ibi bigaragazwa n'umubano mwiza uranga abahigwaga muri jenoside n'ababatabaye kabone niyo baba barabiguyemo. Abo basize bakomeje uwo mubano hagati y'abarokotse n'imiryango y'ababatabaye.

Abarinzi b'Igihango berekanye ko igikorwa cyiza kidahera. "Ukora neza ukayisanga imbere ». Berekanye indangagaciro na kirazira biranga umuco nyarwanda. Abarinzi b'Igihango bakunze Igihugu n'abagituye.
Guhuriza hamwe abapfakazi ba Jenoside, abakoze Jenoside, abayirokotse, n'abandi bose bagezweho n'ingaruka zayo ni igikorwa gikomeye ubwacyo. Gufasha aba bose kwiyakira, kugarura icyizere cyo kubaho, kubabarira no kwigirira icyizere, kwiteza imbere binyuze mu mfashanyo bagiye babona, ni uburyo bukomeye bwo kugira ubupfura, kuba inyangamugayo no kugira ubumuntu.

Abarinzi b'Igihango baturuka mu byiciro bitandukanye by'Abanyarwanda, ndetse n'abanyamahanga, biragaragara ko ibyo bakoze biri mu bushobozi bwa buri wese. Si abize cyane ngo abize make babe basigara, si abihayimana ngo abandi babe batabishobora. Si iby'abagabo ngo abagore babe bitabareba. Si ibyo mu cyaro cyangwa mu mujyi. Ni ibya buri wese. Aha ni ho inyigisho yabo itanga icyizere ko ubumwe n'ubwiyunge nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi bushoboka. Bagaragaje agaciro gakomeye umunyarwanda agomba kugira aho ari hose n'igihe cyose.

## VII. AGACIRO UMURYANGO NYARWANDA UHA IBIKORWA BY'ABARINZI B'IGIHANGO

Ibikorwa by'Abarinzi b'Igihango bihabwa agaciro gakomeye. Ibyitwaga ubugwari, ubucucu mu gihe cya Jenoside byagaragaye ko ari byo nzira nziza yubaka Igihugu n'abagituye. Bitandukanyije n'ikibi igihe bahatirwaga kugira nabi. N'abahasize ubuzima, ubu bibukwa nk'abantu bakoze igikorwa cyiza kandi cy'indashyikirwa.

Abarinzi b'Igihango bafashije Abanyarwanda kubona ingaruka zo gukora nabi ndetse n'izo gukora neza bashobora kubigereranya. Mu Rwanda hari abitoje gukora nabi kandi koko barayikora, ubu abana babo bavuga ko batewe ipfunwe n'ibyo ababyeyi babo bakoze. Hari n'ababonye inyigisho nziza bakora neza, ubu abana babo batewe ishema n'ibyo ababyeyi babo bakoze.

Abarinzi b'Igihango batanze inyigisho nziza twakubakiraho ubupfura buranga Abanyarwanda b'ukuri.

Abarinzi b'Igihango ni indorerwamo y'inshingano n'imyitwarire ikwiye umuyobozi. "Ni inshingano z'umuyobozi gukunda no kurengera abo ayobora. Ababikoze bose ubu birashimwa. Bitandukanye n'abagambaniye abo bayoboraga bakabicisha". Abarinzi b'Igihango baduhaye isomo ry'imyitwarire igomba kuranga abayobozi.

Abarinzi b'Igihango bagaragaje icyo Abanyarwanda batakoze kandi bagombaga gukora mu bihe by'amage Igihugu cyacu cyanyuzemo. Abanyarwanda muri rusange bafata ibyo bakoze nk'ibikorwa by'indashyikirwa kugeza aho bitandukanya n'ikibi kabone n'iyo bahasiga ubuzima.

Ibyo bakoze byafashije ababibonye kugereranya ingaruka z'ineza ni iz'inabi. Buri wese yabonye isomo, ubu azi gutandukanya ikibi n'icyiza. Tubona ibyabaye Abanyarwanda babigenderaho bakiga gukora icyiza bakanga ikibi aho kiva kikagera, bagaharanira ko amateka mabi yaranze u Rwanda atakongera kubaho.

Na Leta yagaragaje agaciro ibyo bakoze bifite ibashyira mu Barinzi b'Igihango ku rwego rw'Igihugu. Iri ni ishema kuri bo no ku miryango yabo".

Abarinzi b'igihango benshi batabaye abantu mu gihe cya Jenoside bakunze kugereranywa n'intwari z'u Rwanda kuko bitabye Imana bazira gukiza abandi cg kwitandukanya n'ikibi. Bemeye guhara ubuzima bwabo ndetse abandi bitandukanya n'ikibi bashyira ubuzima bwabo mu kaga barengera Abanyarwanda. Urwo ni urugero rwiza rugaragaza igikorwa cyo gukunda Igihugu n'abagituye.

Inyito y'Abarinzi b'Igihango yumvikana neza nk'inyito ikwiye abo bantu bagaragaje imbaraga mu kurengera u Rwanda n'Abanyarwanda mu bihe bikomeye. Bakomeye ku gihango banga gutatira igihango gihuza Abanyarwanda

n'Igihugu cyabo cy'u Rwanda. Barinze isoko y'agaciro n'ubuzima basangiye nk'Abanyarwanda. Bubatse Igihugu, bubaka abandi Banyarwanda, na bo ubwabo bariyubaka. Inyito ubwayo irihagije kugira ngo irate ibigwi abakoze ibyo bikorwa bagaragaje. Basanga ari inyito nziza, ibereye Umunyarwanda twafata nk'intangarugero.

Urugero rw'agaciro Abanyarwanda baha ibikorwa by'Umurinzi w'Igihango rurenga imbibi z'u Rwanda rukagera no mu mahanga. Ubumuntu bagaragaje bwemeza ko Abanyarwanda ari abantu nk'abandi. N'ubwo habayeho Jenoside yakozwe n'Abanyarwanda bayikorera abandi Banyarwanda, Abarinzi b'Igihango batwereka ko Umunyarwanda w'ukuri adatandukanye n'ibindi biremwa muntu ku isi. Dusanga Abarinzi b'Igihango mu Banyarwanda no mu banyamahanga kandi tukabaha agaciro kangana. Inzego za Leta zitandukanye zagaragaje agaciro ziha ibikorwa by'Abarinzi b'Igihango. Ishimwe ku nzego zitandukanye haba ku mudugudu, mu kagari n'ahandi bikatwereka ko rwose babiha agaciro cyane. Abo ku rwego rw'Igihugu byo ni akarusho.

Ni koko umuryango nyarwanda warangiritse ariko hari abantu banyuranye bitanze kugira ngo barengere uwo muryango. Ibyo bigwi byabaranze byafasha mu kwigisha abana ndetse n'Abaturarwanda muri rusange, cyane cyane urubyiruko kuko ari rwo Rwanda rw'ejo. Rwakuramo inyigisho zo kwitandukanya n'icyasenya u Rwanda, cyasenya isoko y'ubumwe bw'Abanyarwanda, bityo tukubaka umuryango nyarwanda ukunda icyiza kandi wanga ikibi ukitandukanya na cyo.Abarinzi b'Igihango ni ishema ku muryango wabo no mu gace batuyemo. Aho batuye bafatwa nk'abantu b'ingirakamaro. Ibikorwa bakoze mbere no mu gihe cya Jenoside bituma babonwa nk'abantu babera Abanyarwanda bose urugero, kandi ni ishema kuba agace batuyemo karabonetsemo umuntu wabaye kandi ukomeje kuba indashyikirwa mu kwimakaza indangagaciro z'ubunyarwanda mu gihe abenshi babaye ibigwari.

## VIII. UBUFATANYE BW'ABARINZI B'IGIHANGO N'IZINDI NZEGO

Abarinzi b'Igihango bagaragaje indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda. Ni urugero rwiza ku bakuru n'abato mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge.
Bakunze gutanga ubuhamya n'inyigisho nziza zigisha benshi, abakuru n'abato zerekeranye n'ibikorwa byababashyize mu rwego rw'indashyikirwa. Ni byiza ko Abanyarwanda bamenya ayo makuru neza kandi bakayigiraho kuko arimo inyigisho utasanga ahandi mu bitabo yo kubaka ubunyarwanda.

Kubera ko Abarinzi b'Igihango bagaragara mu nzego zitandukanye kandi bakagira uruhare mu kwigisha abaturage ndetse bakabasha kujya no mu mashuri bakigisha abana, Abarinzi b'Igihango bahabwa umwanya kenshi bakabasha kuvuga ibikorwa bakoze mu nzego zitandukanye, kuko ari ibikorwa byiza kandi byimakaza ubumwe n'ubwiyunge mu Banyarwanda. Bigaragaza ububi bw'imvugo mbi zakorehwaga mu gihe cya kera kuri radiyo; mu biganiro no mu binyamakuru. Ibi bitoza benshi umuco wo gukunda icyiza no kugiharanira ndetse no kwanga ikibi no kukirwanya.

Inyigisho zishingiye ku buhamya bw'ibyo bakoze zigera ku Banyarwanda benshi, n'ikindi gihe zizagera no ku Banyarwanda bataba mu Rwanda. Abarinzi b'Igihango bafite uruhare mu gusigasira ubumwe bw'Abanyarwanda. Biba mu biganiro batanga mu nama zitegurwa n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze, mu muganda, mu mugoroba w'ababyeyi, n'ahandi. Inyigisho zabo ziganisha ku gushimangira umusingi w'Ubunyarwanda nk'igihango gihuza Abanyarwanda bose. Bagira uruhare mu gutoza urubyiruko umutima w'urukundo, ubworoherane, amahoro no kwanga umugayo, ikibi uko cyaba kimeze kose, ivangura, ahubwo bakimika ubumwe.

## IX. UMWANZURO N'INAMA

### a. Umwanzuro

Abarinzi b'Igihango bagaragara mu muryago nyarwanda nk'abantu b'intangarugero ku giti cyabo mu kurinda igihango cy'ubumwe bw'Abanyarwanda. Ni abantu bemeye kugirana igihango n'Igihugu cyabo. Abarinzi b'Igihango babayeho no mu bihe bitandukanye by'amateka y'Igihugu. Bafitanye isano ya hafi n'Intwari z'u Rwanda.

Abarinzi b'Igihango ku rwego rw'Igihugu baturuka mu byiciro bitandukanye by'Abanyarwanda ndetse n'abanyamahanga. Baturuka mu mpande zose z'Igihugu. Bagaragaje ibikorwa by'indashyikirwa mu bihe bitandukanye by'amateka y'Igihugu kandi mu bihe by'akaga Igihugu cyanyuzemo. Ari mu gihe cya Jenoside aho gutabara abantu bicwa na Leta n'abaturage byasabaga ubutwari bw'indengakamere cyangwa nyuma ya Jenoside, aho kongera gusana umuryango nyarwanda byasabye imbaraga zidasanzwe.

Ibikorwa bakoze cyangwa bagikora ni indashyikirwa muri kamere yabyo. Kwanga guca ibice mu Banayarwanda kandi hari imbaraga zibyigisha ni ubutwari burenze ubusanzwe. Gutinyuka guhisha abantu uzi ko umusozi wose uriho ubashaka ngo bicwe ni igikorwa cy' indashyikirwa. Gutinyuka kuvuga kubabarira no koroherana kandi abantu bafite ishavu n'agahinda, abandi bafite ipfunwe bisaba ubwitange no gushirika ubwoba bikomeye no kwiringira ko icyiza igihe cyose gitsinda ikibi.

Igitekerezo cy'ibikorwa byabo cyaturutse ku mutima nama wabo n'amateka yabo bwite. Bagize imyitwarire itandukanye n'iy'abandi mu bihe bikomeye Igihugu cyacu cyanyuzemo. Uburere bahawe n'ababyeyi babo wongeyeho imibereho y'ubuzima banyuzemo byatumye bamenya gutandukanya ikibi n'icyiza. Kandi ubona ko bahora bashaka guharanira gukora icyiza no kwirinda ikibi. Cyane cyane ikibi kiganisha ku kwangana, kugirira nabi umuntu, kumwica cyangwa kumutoteza bumvise ko kizira. Bemera ko umuntu ari nk'undi kandi ko bashobora kugira inshuti mu bantu bose. Ni abahamya b'agaciro k'ikiremwa muntu.

Bahuye n'amateka mu buzima bwabo yabigishije guhitamo neza. Bamwe babonye akarengane, barakanga, biyemeza no kukarwanya aho bazahura na ko hose. Akarengane utifuza ko bakugirira, nawe ntiwagakorera undi. Ariko bo bateye indi ntambwe, biyemeje kurwanya akarengane aho kari hose kuko gakorerwa ikiremwamuntu kandi ari inzirakarengane.

Buri wese mu Barinzi b'Igihango afite uburyo abayeho cyangwa abo yasize babayeho. Ikigaragara ni uko kuba Abanyarwanda barahaye agaciro ibikorwa bakoze byabashimishije cyane. Abo mu miryango yabo bumva batewe ishema no kumva ko umubyeyi wabo, umwana wabo cyangwa umuvandimwe wabo yazize igikorwa cy'indashyikirwa kandi gishimwa n'Igihugu cyose, n'ubwo harimo bamwe bafite imibereho ikeneye ubufasha bw'ingoboka.

By'umwihariko, abitandukanyije na Jenoside yakorewe Abatutsi bishimiye ko bashubijwe icyubahiro na Leta y'ubumwe bw'Abanyarwanda bari barambuwe. Biswe ibigwari, ibigoryi, abagambanyi, ibicucu, n'andi mazina mabi none ubu bya bikorwa byatumaga babatuka, ni byo bishimwa ku rwego rwo hejuru kandi ruhesheje icyubahiro ku rwego rw'Igihugu. Abarinzi b'Igihango banyuzwe n'uyu mugambi wa Leta wo kubasubiza agaciro bari barambuwe na leta yakoze jenoside.

Umusanzu ukomeye Abarinzi b'Igihango batanga mu kubaka ubumwe n'ubwiyunge bw'Igihugu ni uko bahagaze mu cyuho igihe abambari b'amacakubiri basaga n'abatsinze. Ndetse Jenoside irangiye, abakoze ishyano bamwaye, Abarinzi b'Igihango bagaragaye nk'Abanyarwanda babirwanyije igihe byabaga. Ari abishwe, ari abarokotse, bose inyigisho batangaga ni imwe : u Rwanda rwubatswe n'igihango cy'ubumwe, nta wuzashobora gukuraho iryo hame kuko hari abashobora gutanga ubuzima bwabo kugira ngo iryo hame rihoreho.

Abanyarwanda baha agaciro gakomeye ibikorwa by'Abarinzi b'Igihango. Mu bice byose by'Igihugu bagaragaza ko Umurinzi w'Igihango ari umuntu wubashywe kubera ibikorwa byo kwitanga bigeza n'aho atanga ubuzima bwe.

Abarinzi b'Igihango bagaragaje ko bazi indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda. Ni yo mpamvu bo ubwabo ari urugero mu kwigisha abakuru n'abato ishingiro ry'ubumwe n'ubwiyunge. Icyo bose bahurizaho ni uko hakwiye gukomeza gushyiraho uburyo buboneye bwo kwegeranya amakuru y'ibikorwa byabo, hakandikwa ibitabo, kandi mu kinyarwanda, kugira ngo Abanyarwanda bose babashe kuyamenya no kuyigiraho.

Igihe cyo kwibuka, Abarinzi b'Igihango batanga ubuhamya bw'ibyo bakoze, n'aho bakuye umutima wo gukomera ku cyiza n'iyo babizira.

### b. Inama

**Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge**

- ✓ Gufasha Abarinzi b'Igihango bakiriho gukomeza kugira uruhare mu guteza imbere ubumwe bw'Abanyarwanda hakomeza gushakisha no gushyira hamwe amateka y'ibikorwa byabo bigaragara nk'ingero zo kwitwara neza no kuba indashyikirwa mu buzima busanzwe.
- ✓ Gukora ubuvugizi kuri Minisiteri y'ubutabera, bakabaza Agnes Ntamabyariro, wari minisitiri w'ubutabera muri Guverinoma y'abatabazi, ubu ufunze kubera gukora Jenoside, akavuga aho umurambo wa Dr Habyarimana Jean Baptitste wajugunywe kuko ari we watanze impapuro zo kumufungura kugira ngo yicwe. Umuryango we wakumva uruhutse umushyinguye mu cyubahiro.

**Abayobozi b'inzego zitandukanye**

- ✓ Guha urubuga Abarinzi b'Igihango rwo gutangiramo ubuhamya bw'ibigwi byabo mu rwego rwo kwigisha abato n'abakuru;
- ✓ Kwifashisha ingero z'ibikorwa by'Abarinzi b'Igihango mu kwigisha indangagaciro zimakaza Ubunyarwanda;

- ✓ Kwibutsa inshingano z'umuryango zo guha uburere bwiza abana kuko byagaragaye ko ibikorwa by'indashyikirwa by'Abarinzi b'Igihango bagaragaje, akenshi bituruka ku burere bahawe bakiri bato cyane.

**Abarinzi b'Igihango**

- ✓ Gukomeza gutanga urugero rwiza mu muryango nyarwanda ;
- ✓ Gukomeza guhagarara ku byiza byabaranze kandi ntibadohoke.

## IBITABO BYASOMWE


- NURC, Gashyantare 2015, Inzira y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu Rwanda
- NURC, 2016, Amateka y'u Rwanda kuva mu ntangiriro kugeza mu kinyejana cya 20, Kigali, IPN,
- NURC, 2016, Unity and reconciliation process in Rwanda, 2014-2015,
- NURC, 2015, Assessing the reintegration of Jenoside ex-prisoners in Rwanda. Success and challenges,
- NURC, 2015, Rwanda reconciliation barometer 2015,
- NURC, 2016, Raporo y'umwaka 2015-2016 ya Komisiyo y'ubumwe n'Ubwiyunge,
- NURC, Strategic plan ya Komisiyo y'ubumwe n'ubwiyunge,
- Ikinyamakuru "igorora" cya Komisiyo,
- Ndi Umunyarwanda strategy
- Abarinzi b'Igihango. Concept paper
- Unit Club, 2016, Ndi umunyarwanda. Umurinzi w'Igihango
- Unit Club, 2016, Imyaka 20 Ubunyarwanda, ikirezi twambaye,

# IMIGEREKA

**Umugereka 1:** Ibibazo byayoboye ibiganiro n'Umurinzi w'Igihango

| IGIPIMO | IBIBAZO | IBISUBIZO |
|---|---|---|
| **Umwirondoro** | Amazina na nimero y'indangamuntu<br>Amazina y'ababyeyi:<br>Aho abarizwa:<br>- Intara/UmujyiwaKigali:<br>- Akarere:<br>- Umurenge:<br>- Akagari:<br>- Umudugudu: | |
| | Icyo akora ubu (Akazi ka buri munsi): | |
| | Aho yavukiye (Umudugudu, Akagari, Umurenge, Akarere, Intara / Umujyiwa Kigali): | |
| | Amashuri yize: | |
| Ibikorwa by'indashyikirwa bya buri Murinzi w'Igihango | **Ibikorwa by'indashyikirwa yakoze:** | |
| | 1. Mwagikoreye hehe? | |
| | 2. Mwagikoze ryari? | |
| | 3. Ni bande mwagikoreye? | |
| | 4. Umusaruro cyatanze ni uwuhe? | |
| | 5. Icyo gihe mwakoraga iki (Akazi)? | |
| | 6. Igitekerezo cyakujemo gite? | |
| | 7. Ese mwumva gute igikorwa mukora mu muryango nyarwanda? (umwanya mufite, akamaro mufitiye Umuryango Nyarwanda) | |
| | 8. Ni iki cyagushimishije muri icyo gikorwa? | |
| | 9. Ibyiza by'icyo gikorwa n'icyo cyagejejeho Abanyarwanda namwe ubwanyu? | |

| IGIPIMO | IBIBAZO | IBISUBIZO |
|---|---|---|
| IMIBEREHO Y'UMURINZI W'IGIHANGO | 10. Ese imibereho yanyu muri iki gihe iteye ite mubijyanye na : imyigire y'abana, kwivuza, imirire, imyambarire, icumbi? Sobanura birambuye.<br>11. Ese umurimo ukora ukubeshejeho wowe n'umuryango wawe?<br>12. Mwumva ariki mwifuza cyakorwa kugirango imibereho yanyu irusheho kumera neza ? | |
| Agaciro n'inyito Abarinzi b'Igihango bahabwa mu muryango nyarwanda | 13. mubona muri sosiyete nyarwanda uhereye kumudugudu kugeza kurwego rwIgihugu babafata bate ? muhabwa agaciro ?<br>14. Ese abaturanyi bakiriye bate iki gikorwa ukora?<br>15. Ese abaturanyi bagufasha bate muri iki gikorwa cyo kubaka ubumwe n'ubwiyunge?<br>16. Ese hari ikizere ufite ko uzabera urugero rwiza abandi bagakora nk'ibyo ukora cg wakoze? dusobanurire?<br>17. Ese wumve izina/inyito (Title) y'ahabwa Umurinzi w'Igihango yaba iyihe kunzego zitandukanye (Akagali, umurenge, akarere, urwego rw'Igihugu)/ urwego wamushyiramo.<br>18. Ese abarinzi b'igihango ubona bafatwa nk'intwari? Sobanura igisubizo utanze.<br>19. Ese ubona Leta yagaragariza ite abarinzi icyubahiro bakwiye?<br>20. Ese ubona urwego rwumvise neza ibyo ukora ari uruhe? (Umudugudu, akagari, umurenge, akarere, intara cyangwa Igihugu? Sobanura<br>21. Ni iki ubona nk'Imbogamizi zibangamira ibikorwa by'umurinzi w'igihango ?<br>22. Ese ubona ukeneye ubuhe bufasha kugirango ukomeze icyo gikorwa? | |

| IGIPIMO | IBIBAZO | IBISUBIZO |
|---|---|---|
| Ubufatanye bw'Abarinzi b'Igihango n'inzego za Leta mu bukangurambaga | 23. Ese ubona hakorwa iki kugirango urugero watanze rukurikizwe n'abandi? ku rwego rw'abaturanyi? Ku rwego rw'inzego za Leta?<br>24. Ese ubona wafasha ute inzego za Leta mu gukangurira abantu bose kubaka ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda?<br>25. Ubona hakorwa iki kugira ngo Abanyarwanda bahorane umutima wo kwitandukanya n'ikibi?<br>26. Hakorwa iki kugira ngo Abanyarwanda bange ivangura kandi barirwanye aho baribonye hose?<br>27. Ese hakorwa iki kugira ngo Abanyarwanda bahore bashishikariye kubaka ubumwe? | |

**Umugereka 2:** Ibibazo byayoboye ibiganiro n'abaturanyi b'abarinzi b'igihango

| |
|---|
| 1. Watangira utwibwira ( amazina, igihe wavukiye, amashuri wize, umurimo ukora) |
| 2. Hari umurinzi w'igihango uzi ? yego/oya.<br>a. -Niba ari yego yakoze (bakoze) iki mu kunga Abanyarwanda? Tubwire mu magambo arambuye.<br>b. -Ese mwumva gute igikorwa cyo kuba umurinzi w'igihango mu muryango nyarwanda? (umwanya afite, akamaro afite).<br>3. Ese ubona umurinzi w'igihango uzi abashije kubaho nta ngorane? Sobanura birambuye.<br>a. -Ese umurimo akora umubeshajeho we n'umuryango we? |
| 4. Ni iki ubona nk'imbogamizi zabuza igikorwa cy'umurinzi w'igihango gukomeza ?<br>5. Ese abaturanyi be mwakiriye mute icyo gikorwa akora?<br>a. -Ese mumufasha mute muri iki gikorwa cyo kunga Abanyarwanda?<br>6. Ese ubu mumufata nk'urugero rwiza namwe mwakurikiza? Hari abo uzi hano iwanyu batangiye gukora ibisa n'ibyo akora?<br>7. Ese mubona akeneye ubuhe bufasha kugira ngo akomeze igikorwa yatangiye? |
| 8. Ese ubona urwego rwumvise neza ibyo akora ari uruhe? ( Umudugudu, akagari, umurenge, akarere, intara cyangwa Igihugu? Sobanura<br>9. Ese abarinzi b'igihango twababafata nk'intwari? **Yego/oya**<br>a. -Sobanura igisubizo utanze.<br>b. -Ese ubona Leta yagaragariza ite abarinzi icyubahiro bakwiye? |

## ABAKOZE UBUSHAKASHATSI

| No | Amazina | Icyo yari ashinzwe |
|---|---|---|
| | Professor MASABO Francois | Ukuriye itsinda akanakusanya amakuru/Team Leader/ELCG Ltd |
| | MWENEDATA Innocent | Umwe mu bagize itsinda akanakusanya amakuru / Team member/ELCG Ltd |
| | SIBOMANA Joseph | Umwe mu bagize itsinda akanahindura inyandiko mu Rurimi rw'Icyongereza /Team member/ELCG Ltd |
| | MUKASHYAKA Josée | Umuyobozi wa ELCG Ltd akaba n'umwe mu bakusanyije amakuru/MD_ELCG Ltd |
| | NGOMBANIRO Jean Bosco | Umwe mu bagize itsinda akaba n'uwafashije mu gukusanya amakuru hakoreshejwe ifatamajwi ndetse n'amashusho /Team member/ELCG Ltd |
| | NTIRUSHWA Emmanuel (Jule) | Umwe mu bagize itsinda akaba n'uwafashije mu gukusanya amakuru hakoreshejwe ifatamajwi ndetse n'amashusho /Team member/ELCG Ltd |